INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# INYOBORABATOZA Y'IMBYINO GAKONDO ZA KINYARWANDA

## Igitabo cy'ibanze



Huye, 2023

# INYOBORABATOZA Y'IMBYINO GAKONDO ZA KINYARWANDA

## Igitabo cy'ibanze.

**Abakozi  b'Inteko y'Umuco bagize uruhare mu kwandika iki gitabo:**

KABAGEMA Egide
MUREGO Yves
NIYOMUGABA Jonathan

Huye, 2023

**© Inteko y'Umuco, 2023.**

Agasanduku k'Iposita: 6397 Kigali

Uburenganzira bwose burakomye. Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rigenga umutungo bwite mu by'ubwenge.

**ISBN:** 978 - 99977 - 0 - 442 - 9

Icapwa rya mbere 2023

# IBIRIMO


IJAMBO RY'IBANZE ........ v

INTEGO Z'IKI GIKORWA ........ 3

GUSAKAZA INYOBORABATOZA ........ 4

UMUTWE WA MBERE: ........ 7

IMBYINO Z'INKA N'IZEREKANA UBWIZA ........ 7

**1.1. Umushagiriro** ........ 7

*1.1.1. Ibice by'umubiri bikoreshwa muri iyi mbyino* ........ 8

*1.1.2. Uko abashagirira bagaragara ku rubuga* ........ 8

**1.2. Ikinyemera** ........ 9

*1.2.1. Uko ababyina ikinyemera bagaragara ku rubuga* ........ 10

**1.3. Igishakamba** ........ 10

*1.3.1. Uko ababyina igishakamba bagaragara ku rubuga* ........ 11

**1.4. Imbyino y'icumu** ........ 12

UMUTWE WA KABIRI: IMBYINO Z'IMYIYEREKO ........ 13

**2.1. Umuhamirizo w'Intore** ........ 13

*2.1.1. Ibice by'umubiri bikoreshwa muri iyi mbyino* ........ 14

*2.1.2. Ibyiciro by'umuhamirizo* ........ 15

*2.1.3. Uko abahamiriza baseruka ku rubuga* ........ 16

**2.2. Kwiyereka inkota** ........ 18

**2.3. Kwiyereka icumu n'ingabo / umuheto** ........ 18

**2.4. Umurambiro** ........ 19

**2.5. Imparamba** ........ 20

UMUTWE WA GATATU: IMIDIHO ........ 21

**3.1. Ikinimba cyo mu ndorwa** ........ 21

**3.2. Ikinimba cyo mu murera** ........ 22

**3.3. Ikinimba cyo mu kanage** ........ 23

**3.4. Ikinimba cy'urusengo** ........ 23

**3.5. Izindi ngeri z'imidiho** ........ 25

*3.5.1. Imidiho yo mu Budaha, Bwishaza, Rusenyi-Itabire, Nyantango n'u Bufundu* ........ 25

*3.5.2. Imbyino zo ku nkombo: umunyigito* ........ 25

**UMUTWE WA KANE: INGERI ZIHARIYE** ............................................27
**4.1. Intwatwa** ...............................................................................27
**4.2. Gutamba inanga** ..........................................................................28

**UMUSOZO** ...................................................................................29

**INZIMBURABUMENYI** .....................................................................30

**IMBONERAHAMWE MPINE Y'INYOBORABATOZA** ............................31

**INGERI ZIHARIYE** .........................................................................36

**IBISOBANURO BY'AMUGA Y'IMBYINO** ..............................................37

# IJAMBO RY'IBANZE

Inteko y'Umuco ifite intego nkuru yo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, Umuco n'Umurage by'u Rwanda.

Ikinyejana cya 21 cyagaragaje iterambere ridasanzwe ry'uruganda ndangamuco n'ubuhanzi hirya no hino ku isi. Ni na ko bimeze mu Rwanda aho ubu ubuhanzi n'ibikorwa ndangamuco bifatwa nk'imwe mu nkingi z'iterambere rirambye kandi icyo cyiciro kigaragara nk'igikwiye gushyirwamo imbaraga nyinshi. Mu Rwanda rwo hambere ababanzi bakomeje kubonwa nk'abafasha mu myidagaduro, mu itumanaho n'isangiramuco binyuze mu ndirimbo, imbyino, imyiyereko, ubugeni, ubuvanganzo nyemvugo…

Abakora mu nganda ndangamuco bakomeje kwagura ibitekerezo harebwa uburyo uru ruganda rwahesha inyungu abarukoramo, bagatungwa n'ibyo bakora kandi bagatunga n'abo baha akazi. Ibi ariko birasaba ko hanozwa ibijyanwa ku isoko ry'umurimo ari na ko habungwabungwa umwimerere wabyo.

Ibinyujije muri Minisiteri ifite Umuco mu nshingano n'Inteko y'Umuco, Leta y'u Rwanda iteza imbere inganda ndangamuco n'iz'ubuhanzi mu bikorwa bitandukanye itegura buri mwaka. Muri ibyo harimo gushyiraho imirongo ndetse n'inyandiko ngenderwaho zifashishwa kunoza ibikorwa.

Mu cyiciro cy'imbyino ndamuco, hagaragayemo icyuho mu mitoreze yazo cyane cyane mu bakiri bato, mu mashuri… Ibi byagaragajwe mu nama nyunguranabitekerezo yari iyobowe na Ministiri w'Urubyiruko n'Umuco, yari yitabiriwe n'abayobozi b' Inteko y'Umuco, Inama y'Igihugu y'Abahanzi, ahagarariye urugaga ndetse n' amatorero y'imbyino Gakondo mu Rwanda (tariki ya 21 Nyakanga 2023). Muri iyi nyoborabatoza, imbyino gakondo zirimo zikubiye mu ngeri zikurikira: *Imbyino z'inka n'izerekeka ubwiza bw'umunyarwandakazi, Imyireko, Imbyino z'imudiho inyuranye, n'Imbyino zihariye.*

Muri iyi nyoborabatoza ntabwo imbyino zose za kinyarwanda twazivuye inyuma. Icyari kigenderewe kwari ukugaragaza zimwe mu byino z'ibanze, imyiyereko zamenyekanye cyane kandi zikigaragara na n'ubu kugira ngo abato, abazitoza n'abandi basobanukirwe n'umwimwerere wazo bityo babe bawigana; abahanga ibishya na bo babashe kuvomamo ariko hagamijwe muri rusange gusigasira uwo murage.

Inteko y'Umuco irashimira abantu bose bagize uruhare mu gutegura iyi nyoborataza. Aba mbere bashimirwa ni abatoza babigize umwuga baturuka mu rugaga rw'amatorero y'imbyino gakondo, inararibonye n'abahanga mu mbyino gakondo, Muyango JMV, Bazatsinda Thomas na Nahimana Serge, bagize uruhare mu kunonosora iki gitabo.

**Amb. MASOZERA Robert**

Intebe y'Inteko

# INTANGIRIRO

## IMBYINO NI IKI?

Ijambo imbyino rikomoka ku nshinga "kubyina" rifite ibisobanuro binyuranye: *"Guhoondagura ibireenge ku butaka ku buryó bubonéye ukabigira wíikuunda mu mubyíimba kaándi urusakú rw'íbireenge rukajyaanirana n íindíriimbo yabígenewe"*. Naho ijambo imbyino ryo rigasobanura "*Indíriimbo ihérekejwe númudiiho" (***Inkoranya y'íkinyarwaanda mu kinyarwaanda nó mu gifaraansá 2005).**

U Rwanda ni kimwe mu bihugu by' Afurika bifite amateka akomeye y'umuziki n'imbyino gakondo. Mu Rwanda usanga mu muco w'abarutuye hari umwihariko wo kugira imbyino gakondo zabyinwaga n'abakurambere mu rwego rwo kwigisha, kwinezeza mu birori bitandukanye, guhuza imiryango no kuyifasha kubana neza ndetse no kwifashishwa mu bihe by' urubanza (kwizihiza iminsi mikuru, ibyago aho akenshi wasangaga hari zimwe zifashishwaga mu bijyanye n'ubuzima bwa roho cyangwa mu mihango y'idini).

### 1.2. Isano hagati y'imbyino n'Umuco

Imbyino ni imwe mu nkingi za mwamba z'Umuco Nyarwanda kuko umuziki no kubyina byakomeje kuba iby'ingenzi mu bigize umuryango nyarwanda: "Mu Rwanda kubyina byari kandi biracyari ishema ku buryo buri munyarwanda ashatse yagira ati: *Ubwo ndiririmba, mbyina ubwo ndiho."*[1].

Ibi bigaragaza ko imbyino n'indirimbo bifitanye isano ya hafi. Bigaragaza kandi ko indirimbo n'imbyino bifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda.

Abanyarwanda bifashishaga imbyino mu rwego rwo kwerekana abo ari bo, babyinaga iyo babaga bishimye cyangwa bari mu gahinda. Byari n'uburyo bwo guhanga ubumwe mu muryango cyangwa muri sosiyete. Ingero ni uko wasangaga abanyarwanda babyina iyo babaga bagize umusaruro ushimishije (bejeje ibiribwa byinshi), iyo umwana yabaga yavutse, iyo babaga batahukanye intsinzi ku rugamba cyangwa barutsinzwe, icyo gihe cyose habaga imbyino zisobanura ibyo byose.

Urugero ni uko ingabo zashoboraga kubyinira Umwami iyo babaga bagiye kumumurikira ibitekerezo byazo, noneho igihe zigarutse mu ngo zabo zivuye ku rugamba, abagore bazo ndetse n'abana bashoboraga kubabyinira kandi bagashimira Imana kuko yabafashije ikabarindira ubuzima ku rugamba cyangwa mu muhigo.

---

*1 Mbonimana G., yashakaga kumvikanisha ko hari intekerezo y'Abanyarwanda iba mu ndirimbo n'imbyino nk'imwe ya R. Descates: "Cogito ergo sum" (je pense donc je suis), rebeba igitabo yise Trois siècles de musique rwandaise traditionnelle (1692 - 1952), 2019, p.102*

Ikindi kivugwa ni uko ishusho y'uko imbyino iteye byaturukaga ku buryo babonaga ibidukikije nk'uko imisozi iteye, uko mu gace aka babayeho, ibyo bakunda n'ibindi. Kubyina kera byari nk'indangamuntu. Ibi byagaragazwaga n'uko hari uburyo bunyuranye abantu babyinagamo bitewe n'aho baherereye bitewe n'abo babaga ari bo cyangwa se imirimo bakoraga.

Nk'abantu bo mu Burasirazuba babyinaga bitewe n'imiterere yaho, babyinaga bategа basa n'abamanuka kandi bakaraga umubyimba ndetse bakabyinana amacumu n'ingabo kuko babaga ari abatunzi, abashumba. Iyo mibyinire bayitaga *gushagirira* cyangwa *gushayaya*…

Imbyino gakondo nyarwanda kandi zigira injyana zinyuranye bitewe n'ingeri zazo ndetse n'indirimbo ziziherekeza, ibikoresho bya muzika byifashishijwe (ingoma, inanga, umuduri…) ndetse n'uburyo bwo gukoma amashyi. Umwihariko w'imbyino gakondo zose ni uko zikunzwe kurangwa n Ibitego n'ibikango, aho bamwe mu baseruka banyuzamo bagakora ibinyuranye n'iby'abandi (contre - temps) ukibaza aho baza guhuriza ariko bikarangira bahuje ari na byo bituma zirushaho kuryoheraa abazireba.

## KUBERA IKI HAKENEWE INYOBORABATOZA?

Mu rwego rwo gukomeza gusigasira, guteza imbere umuco ntawakwirengagiza uruhare rw'amatorero aseruka mu buryo bwa gakondo ndetse n'uruhare rw'amashuri mu rugendo rwo gukomeza guteza imbere imbyino nyarwanda. Ubu mu mashuri hashyizweho gahunda yo gutoza abana umuco bigishwa byinshi ku mateka, imivugo, indirimbo n'imbyino.

Nk'uko byagaragaye mu nama nyunguranabitekerezo yari iyobowe na Ministiri w'Urubyiruko n'Umuco[2]; yari yitabiriwe n'abayobozi b'Inteko y'Umuco, Inama y'Igihugu y'Abahanzi, ahagarariye Urugaga rw'amatorero y'imbyino Gakondo byagaragajwe ko hari ikibazo cyo gusubira inyuma cyangwa se ugutakara k'umwimerere w'imbyino gakondo zibyinwa n'amatorero anyuranye ndetse n'abana bazitozwa nabi mu mashuri bigamo. Bityo bigakekwa ko imwe mu mpamvu nyamukuru ari uko nta nyoborabatoza igaragaza imiserukire, n'imibyinire y'indirimbo gakondo ihuriweho yakwifashishwa n'abatoza ayo matorero n'abatoza abana mu mashuri.

Ni muri urwo rwego hifujwe ko hakorwa inyoborabatoza igaragaza imbyino gakondo, uburyo zatozwamo kandi yagizwemo uruhare n'abatoza ubwabo banyuranye ndetse n'abandi bantu bafite ubunaribonye mu ndirimbo n'imbyino gakondo nyarwanda.

2 *Inama yabereye muri Hoteri Nobleza ku itariki ya 21 Nyakanga 2022.*

# INTEGO Z'IKI GIKORWA

## 1. Intego rusange

Intego rusange yo gutegura no gusakaza inyoborabatoza izingiye mu gikorwa cyo gusigasira no guteza imbere umuco nyarwanda muri rusange n'imbyino gakondo by'umwihariko.

## 2. Intego zihariye

**Intego zihariye z'igikorwa cyo gutegura no gusakaza inyoborabatoza ni:**

- Kugaragaza ubwoko bunyuranye bw'imbyino gakondo ndetse n'izizishamikiyeho bitewe n'uturere;
- Kugaragaza no gukosora amakosa agaragara mu mitoreze y'imbyino gakondo;
- Kugaragaza imitoreze ikwiye y'imbyino gakondo nyarwanda;
- Kugaragaza imyambarire ikwiye mu kubyina no guseruka;
- Kugaragaza ibikoresho bikenerwa mu kubyina no guseruka.

## UKO INYANDIKO Y'INYOBORABATOZA YATEGUWE

Muri iki gikorwa cyo gutegura inyoborabatoza hifashishijwe uburyo bw'ibanze bwo gukusanya ibitekerezo mu bantu binyuze mu nama nyunguranabitekerezo. Hakozwe inama ebyiri zahuje abatoza b'imbyino gakondo.

Ubundi buryo bwifashishijwe ni ikusanyamakuru mu nyandiko n'ibitabo aho abashakashatsi bagize uruhare mu kwandika Inyoborabatoza bakuye amakuru mu bitabo bitandukanye. Aha twavuga nka Mbonimana Gamaliel wafatanyije n'Inteko nyarwanda y'Ururimi n'Umuco akandika igitabo kitwa *Trois siècles de musique rwandaise traditionnelle (1692 - 1952),* Kigali, 2019. Twifashishije kandi igitabo cya Nkurikiyinka Jean Baptiste*: Introduction à la danse rwandaise traditionelle,* 2002 na G. Simpenzwe, *Ingoma i Rwanda*, 1992.

# GUSAKAZA INYOBORABATOZA

Inyoborabatoza imaze kunozwa no kwemezwa hateganyijwe uburyo yagera ku bo igenewe kugira ngo bayikoreshe icyo yateguriwe. Uburyo bwa mbere ni ugukorana n'urugaga rw'amatorero y'imbyino gakondo igashyikirizwa amatorero arugize.

Uburyo bwa kabiri ni ukwifashisha abakozi b'uturere bashinzwe urubyiruko siporo n'umuco kugira ngo bayishyikirize amahuriro y'urubyiruko, amashuri n'abafatanyabikorwa b'uturere.

Uburyo bwa gatatu, Inyoborabatoza izashyirwa ku rubuga rwa murandasi no ku mbuga nkoranyambaga z'Inteko y'Umuco ari na ho abandi bayikeneye bazayikura bityo bizafashe ko nyuma y'umwaka hatangira gusuzumwa umusaruro yatanze ndetse n'ibikwiye kongera kunozwa.

# INYOBORABATOZA NYIRIZINA

## -IMISERUKIRE Y'ABAGIZE ITORERO-









# UMUTWE WA MBERE:

# IMBYINO Z'INKA N'IZEREKANA UBWIZA

Imbyino nyinshi mu Rwanda rwo hambere zari zishamikiye ku kuvuga inka n'bwiza. Koko rero, izi mbyino zivoma mu myireko ifite aho ihuriye n'urugamba kuko inka zivugwa ari inyambo zihanganishwa ku rugamba hagati y'Ibihogo n'Amagaju. Byongeye kandi, usanga ubwiza bw'inka (inyambo) bugererenywa n'ubwiza bw'Umunyarwandakazi.




*Uko amahembe y'inka ateze ni ko abakobwa bategа amaboko bashinga icumu (Iforo, RCHA 2023).*

Hari igihe babyina bazamura amaboko bigana imiterere y'amahembe y'inyambo byitwa *gushinga icumu*. Hakaba nanone igihe babyina bigana ingendo y'izo nka bajyanisha amaboko n'igihimba. Ibyo bikorwa mu cyiciro cyo gucunda. Hari no gutereka amaso bigana indoro y'inka (amaso y'inyana = amaso meza). Icyo gihe ubyina asa n'ureba hasi, ntacyo arangariye, atuje, yatwawe.

## 1.1. UMUSHAGIRIRO

Umushagiriro watangiye ari imwe mu mbyino zaserukanwaga i bwami hagamijwe kwerekana kwikunda k'Umunyarwandakazi wakereye guhimbaza abo ataramiye. Byumvikane neza ko iyi mbyino ari umwihariko w'igitsina gore.

Ushagirira akoresha ibice byose by'umubiri ariko akibanda cyane ku mubyimba n'amaboko, guhanika uruhanga ari nako amwenyurira abo ataramiye. Ingingo z'ushagirira zigomba koroha ku buryo uruhande rwose ashaka kwerekezamo

urugingo rujyayo mu buryo bworoshye. Ushagirira agira igihe ahindukira wese akikunda mu mubyimba agaritse ibyano ndetse agakebuka akreba abo yahoze arangamiye abamwenyurira.

### *1.1.1. Ibice by'umubiri bikoreshwa muri iyi mbyino*

- **Umutwe:** Ni ingenzi kuko uza ku isonga mu kwerekana uguhimbarwa no guhimbaza. Ushagirira ntaretsa kumwenyura ari nako akebuka intugu igihe cyose ahindukiye. Uruhanga rw'ushagirira ruba rwemye (uruhanga rw'uruhanika) arangamiye abo ataramiye; rutamirije icyanganga gisobetse mu ntambi zitatse imisaya yombi. Ashobora kandi guserukana ubusasa bufatiye ku cyanganga, butendera ku misaya yombi.
- **Igihimba:** Nacyo ni ingenzi kuko iyi mbyino ireberwa ku gice cyo hejuru cy'umubiri. Umubyimba w'useruka ugomba kuba wemye ku buryo igituza kiza imbere (igituza cy'ikigarama). Ubyina agomba kurambura imbavu bihagije (kurangwa n'imbavu ndende).
- **Amaboko:** Iki gice gifasha umubyimba gutanga ishusho ngenderwaho kugira ngo bigaragare ko useruka ashagirira. Hari intambwe zishobora gutuma ushagirira ategа nk'inyambo, urushara cyangwa urukoro. Hari n'izituma umuntu asasa amaboko, nk'igihe ushagirira yitegura kwifashisha umwitero. Kirazira gukoresha imbaraga mu mushagiriro.
- **Amaguru:** Iki ni igice gitanga injyana nyayo y'umushagiririro binyuze mu ntambwe ziba zagenwe. Kirazira kwihutisha intambwe z' umushagiriro kuko biba byishe umwimerere wawo.
- Ku byerekeye injyana iherekeza intambwe z'ushagirira, kera hakoreshwaga amajwi n'amashyi byonyine. Muri iki gihe birashoboka no kuvuza umurishyo w'ingoma uvuga buhoro, utabuza amajwi, amashyi n'amayugi kumvikana. Injyana ikunze gukoreshwa ni iya 2/4.

**Icyitonderwa:** Ushagirira wese agomba kuba yikwije, akenyeye kandi yiteye.

### *1.1.2. Uko abashagirira bagaragara ku rubuga*

**Biturutse ku mubare w'abashagirira, uko urubuga rungana, aho abataramirwa bahereréye, n'ubugeni n'ubugenge (choregraphy) by'umutoza, abashagirira bashobora:**

Kwinjira ku rubuga baturutse hamwe cyangwa imihanda myinshi.

Kurema urugamba rumwe cyangwa rufite urugereko rumwe cyangwa nyinshi.

Guseruka ku mirongo itambitse, ihagaritse, iberamye, y'inziga cyangwa ikoze irindi shusho.

Guseruka barebana cyangwa bateranye umugongo ariko bigakorwa ku buryo bose badaterera icya rimwe umugongo abo bataramiye.

Gusobeka no guhinduranya imyanya mu rwego rwo guhimbaza abo bataramiye cyane cyane mu gihe hagamijwe kwerekana ubuhanga bwihariye bw'ab'indongozi.

## 1.2. IKINYEMERA

Ikinyemera ni imbyino ikomoka mu Majyaruguru y'Iburengerazuba bw'u Rwanda, ahitwa mu Bigogwe (Rwankeli, Nkuli, Akanage, Kingogo). Bitewe n'uko ako ari agace kiganjemo ubworozi bw'inka kuva mu bihe byo hambere, iyi mbyino bayiserukana barata inka, bikagaragarira no mu ndirimbo ziherekeza izo mbyino.

Ubyina ikinyemera yibanda cyane ku gutega amaboko yigana imiterere y'amahembe y'inka. Umubyimba nawo awukoresha aworoheje uretse ko igihe kigera hakazamo no gutigisa intugu. Userukana iyi mbyino acinya ikirenge hasi; agatangira ahozoza (abyina mu buryo bworoheje), akageza igihe yongereramo imbaraga mu cyiciro cyitwa *Umurindi w'inka*.

Ikinyemera ni imbyino iserukanwa n'ibitsina byombi bagatandukanira mu gutega maboko, mu ntambwe no buryo abagore bakoresha umwitero mu cyiciro kitwa *kuvugutira inka*.



*Ababyinnyi b'ikinyemera, abagabo n'abagore (Ifoto y'Inteko y'Umuco, 2023)*

### *1.2.1. Uko ababyina ikinyemera bagaragara ku rubuga*

**Biturutse ku mubare w'ababyina ikinyemera, uko urubuga rungana, aho abataramirwa baherereye, n'ubugeni n'ubugenge (choregraphie) by'umutoza, ababyina ikinyemera bashobora:**

- Kwinjira ku rubuga baturutse hamwe cyangwa imihanda myinshi.
- Kurema urugamba rumwe cyangwa rufite urugereko rumwe cyangwa nyinshi.
- Gusobeka no guhinduranya imyanya mu rwego rwo guhimbaza abo bataramiye.

## 1.3. IGISHAKAMBA

Igishakamba ni imbyino ikomoka mu Nkore mu gihugu cy'Ubuganda. Yaje kugera mu Rwanda inyuze mu Mutara w'i Ndorwa, mu Ntara y'Iburasirazuba bw'u Rwanda. Iza gusakara mu Buganza, ikwira mu gihugu hose.

Abagabo baseruka bacinya ikirenge inshuro ebyiri zikurikirana ku butaka babisikanya amaguru, ukw'ibumoso n'ukw'iburyo, bakabanza gucunda amaboko bayerekeza imbere n'inyuma cyangwa iburyo n'ibumoso. Igihe kiragera bakongera umurindi w'ikirenge, bakerekeza amaboko mu kirere bigana uko amahembe y'inka ateze. Abahimbawe cyane bacishamo bakizengurukaho ndetse bakaba banabisikana.

Abagore babyina igishakamba babanza guseruka ukwabo babyina kimwe nk'abagabo. Igihe kiragera bose bagasobeka bakajyanamo akanya, nyuma abagabo bagaca bugufi ndetse bamwe bagatera ivi, bakomera amashyi abagore. Abagore bakarushaho guhimbarwa, bakabigaragaza mu kwikunda no mu kunyeganyeza mu mbavu, mu gihe abagabo banyuzamo bakamamaho ibiganza iburyo n'ibumoso, bigana uko abungeri bakubita inka ibizinzo.



*Abasore n'inkumi babyina igishakamba, abasore banyuzamo bakamama ibiganza ku mubyimba w'abakobwa iburyo n'ibumoso (Ifoto y'Inteko y'Umuco, 2023)*

Ababyina igishakamba bashobora kwifashisha ifirimbi n'ibikoresho bisanishwa n'ibizinzo. Indirimbo ziherekeza imbyino y'igishakamba usanga zifite injyana n'ururirimbo bya kinyankore bitabujije ko hashobora gukoreshwa amagambo y'Ikinyarwanda.

### *1.3.1. Uko ababyina igishakamba bagaragara ku rubuga*

**Biturutse ku mubare w'ababyina igishakamba, uko urubuga rungana, aho abataramirwa baherereye, n'ubugeni n'ubugenge (choregraphie) by'umutoza, ababyinnyi bashobora:**

- Kwinjira ku rubuga baturutse hamwe cyangwa imihanda myinshi;
- Kubyina mu itsinda rimwe cyangwa menshi kandi banyuranamo;
- Gusobeka no guhinduranya imyanya mu rwego rwo guhimbaza abo bataramiye.

## 1.4. IMBYINO Y'ICUMU

Ni imbyino yo mu Burasirazuba, iserukanwa n'ababyeyi bateze urugori, bategа amaboko azamuye hejuru bakayamanura imbere baganisha hasi bagiye gushinga icumu ryo hasi. Mu gihe cyo gushinga icumu ryo hejuru bazamura amaboko nk'abayashibura, bagakomeza mu ntambwe zoroheje.

Iyi mbyino ifite umwihariko wo kugendera mu ntambwe bacinya ikirenge kimwe ubugira kabiri mu ruhande rumwe, mu gihe ikindi kirenge cyo gikora hasi mu buryo bworoheje cyane ari na ko bishongora bakebuka impande zombi. Na yo iri mu bwoko bw'imbyino zifite intambwe zigenda gake nk'umushangiro. Imwe mu ndirimbo zizwi ziherekeza iyi mbyino yitwa *Imyoma*.

## UMUTWE WA KABIRI:

## IMBYINO Z'IMYIYEREKO

Ni ingeri yo guseruka yahoze ari umwihariko w'ingabo ziri mu myitozo haba ibwami, ibutware, mu ngando no ku rugerero. Mu Rwanda rwo hambere, imyiyereko yakorwaga n'abagabo. Imyiyereko yaserukanwaga mu birori by'ibwami n'ibutware by'umwihariko igihe zabaga zivuye ku rugamba zikinjira kuri gahunda ziremye urugamba rumwe mu muhango witwa *guhisa* wabanzirizaga uwo kuvuga amacumu.



*Intore yiyereka. (Ifoto y'Inteko y'Umuco, 2023)*

### 2.1. UMUHAMIRIZO W'INTORE

Umuhamirizo ni imwe mu ngeri z'imyiyereko intore ziserukana. Mu Rwanda rwo hambere, kubera ko intore ari zo zatorwagamo ingabo z'igihugu, uwo mwiyereko wari ufitanye isano ya hafi n'urugamba, dore ko uhamiriza aserukana ibikoresho bikoze nka zimwe mu ntwaro gakondo mu biganza byombi (icumu, ingabo cyangwa umuheto mu gihe cyo hambere).

### *2.1.1. Ibice by'umubiri bikoreshwa muri iyi mbyino*

Mu guhamiriza hakoreshwa umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru.

- **Umutwe:** Uhamiriza agomba kuba atamirije umugara akoresha azunguza umutwe ari byo byitwa guca umugara. Intore iseruka ihanitse uruhanga, icyeye mu maso, imwenyura kandi irangamiye abo itaramiye ariko ikanyuzamo ikikebuka yikunda mu mubyimba.
- **Igihimba**: Iki gice ni ingenzi cyane kuko ari cyo kigaragaza ubwema, ubudahangarwa, ubushongore n'ubukaka bubereye ingabo. Imbavu na zo zigira uruhare rukomeye mu kugorora umubyimba kuko intore irangwa no koroha kugira ngo ibashe gutemba iburyo n'ibumoso ikagera kure bishoboka, ibyo bikanogera cyane abayihanze amaso. Kirazira ko intore iseruka ifoye inda kuko bibangamira kwikunda mu mubyimba.
- **Amaboko:** Iki gice cy'umubiri na cyo ni ingenzi cyane kuko amaboko ari yo atwara icumu cyangwa umuheto agafasha no gukinga ingabo. Mu gutwara ibyo bikoresho uhamiriza aritwararika, akirinda ko bikomana n'ibya mugenzi we mu gihe atemba ajya ibumoso cyangwa iburyo, asuma ajya imbere cyangwa agaruka inyuma n'igihe cyo kugwa mu nka ndetse no mu gihe asukiranya ibyivugo.
- **Amaguru:** Iki ni igice gitanga injyana nyayo y'umuhamirizo mu gihe intore zitaha urubuga (umutahano), zungikanya ibitego n'ibikango ziremereje umuhamirizo ndetse no mu gihe intore yiyereka ku giti cyayo ari byo bita *gusohoka*.






### *2.1.2. Ibyiciro by'umuhamirizo*

**Umuhamirizo ugizwe n'ibyiciro bikurikira:**

- **Umutahano**: Ni igice gifasha intore kugera mu ngamba ziva mu rwambariro. Umutahano ubanzirizwa n'umwidogo w'abacyuye intore bazishoza bazihamagara mu byivugo byazo bakazirangaza imbere biyereka, besa igisate. Hakurikiraho kwinikiza kw'amakondera avuzwa ku njyana y'ingoma zitwa *ingaraba* na *ruharage*. Hakurikiraho *ikobe ry'intore*, zikabona gutaha urubuga ku njyana y'ingeri y'umuhamirizo yitwa *umutahano*.
- **Umuhamirizo nyirizina**: Iyo intore zigeze ku rubuga zirema urugamba rumwe cyangwa nyinshi, ibyo bigakorwa hakurikijwe ubuhanga n'ubushobozi buri ntore yihariye. Abahamiriza bashyirwa mu bice bikurikira:
    - Igice cyo hagati giserukamo abitwa *abanyamukondo,* ari bo izindi ntore zirangamira kandi zigenderaho;
    - Igice cy'iburyo giserukamo abitwa *Ibinyange* bashyirwa mu myanya yitwa *ibikokora by'iburyo* n'*uruhembe rw'iburyo.*
    - Igice cy'ibumoso giserukamo abitwa *imiyumbu* bashyirwa mu myanya yitwa *ibikokora by'ibumoso* n'*uruhembe rw'ibumoso;*




*(Nkurikiyinka 2002; 12)*

Iyi myanya ifasha kuboneza imiserukire ya buri ntore hagendewe ku byo isabwa kugira ngo hagaragare ubwuzuzanye mu kuremereza umuhamirizo:

- Abanyamukondo ni bo bareberwaho mu gutanga imihamirizo, guseruka nyirizina no kugwa mu nka.

- Abanyabikokora, babiyobowemo n'abanyamukondo, basabwa by'umwihariko guserukana ibitego n'ibikango bituma itorero rigaragaza ko ryanogeje umuhamirizo koko.
- Impembe zo ziharirwa intore zirusha izindi kugena urubuga bwite abaseruka bakoresha.

Umubare w'imihamirizo itorero riserukana riterwa n'urwego rigezeho mu kunoza ingeri zitandukanye z'imihamirizo (urugero: Igitego, Ingorabahizi, Ikotaniro, Ruhame, Indangamyambi, Ibihogo, Indege, Inganji, Itanganika, Imanzi, Urukatsa, Urukundo, …) n'igihe cyagenwe cyo guseruka.

- **Gusohoka ikondera:** Nyuma y'umuhamirizo wa nyuma, intore ziguye mu nka, ikondera ryongera gutsikimba, riherekejwe nanone na ruharage n'ingaraba n'umwidogo w'abazogeza, zikajya ejuru zisukanura ibyivugo byinshi. Ab'indongozi bakirasa imbere bagasohoka ikondera nyirizina.

Mu gusohoka, intore ishobora kwiyereka ari yonyine cyangwa ikajyanamo n'indi. Iyo zisohotse ari ebyiri, imwe yerekeza ku bo bataramiye mu gihe indi iba yerekeye aho itsinda ry'abakondera, abavuza ingoma n'abidozi bahagereye. Ibyo bituma abaremye uwo mutwe barushaho guhimbarwa, na bo bakaremereza umuriri.

- **Gusohoka ikondera** ni igice itorero rigaragarizamo abo riserukira umwimerere n'ubuhanga bw'intore z'umutwe, ndetse n'umwihariko w'ubugeni n'ubugenge bw'abatoza mu kuboneza imiserukire y'izo ntore z'indangamirwa zirusha abandi guhimbaza abo zitaramiye.
- **Gusesa ingamba:** Ni igice kibanzirizwa n'uko intore zimaze gusohoka zisubira mu myanya yazo, ari byo byitwa *gukumbura ingamba,* zigahuza intambwe ku njyana umutoza yagennye (Urugero rw'intambwe zifashishwa: umuhamirizo witwa *Nyirangwe*, *Umukarago*, *Gusakara*…). Muri icyo gihe cyose umutwe w'abakondera, abidozi n'abavuza ingoma ukomeza umuriri uherekeza intore zerekeza mu rwambariro.

### *2.1.3. Uko abahamiriza baseruka ku rubuga*

**Biturutse ku mubare w'abahamiriza, uko urubuga ruteye n'uko rungana, aho abataramirwa bahagereye, n'ubugeni n'ubugenge (choregraphie) by'umutoza, abahamiriza bashobora:**

- Kwinjira ku rubuga baturutse hamwe cyangwa imihanda myinshi.
- Kurema urugamba rumwe rufite urugereko rumwe cyangwa nyinshi.

- Guseruka ku mirongo itambitse, ihagaritse, iberamye, y'inziga cyangwa ikoze irindi shusho.
- Guseruka barebana cyangwa bateranye umugongo ariko bigakorwa ku buryo bose badaterera icya rimwe umugongo abo bataramiye.
- Gusobeka no guhinduranya imyanya mu rwego rwo guhimbaza abo bataramiye cyane cyane mu gihe hagamijwe kwerekana ubuhanga bwihariye bw'ab'indongozi.





## 2.2. KWIYEREKA INKOTA

Uyu mwiyereko wagaragaye cyane mu Kanage na Kingogo, mu budaha no mu Marangara. Ukorwa n'abagabo bake binjira mu Ntambwe zitwa **Urugege,** zigendera ku njyana itangwa n'Ihembe rivuzwa. Abaseruka bose baba bitwaje inkota iri mu rwubati rubajwe mu giti (Urugero: Umusave).

Umugozi w'urwubati uba unyuze mu ijosi ry'uwiyereka ku buryo rutendera mu mugongo. Ubusanzwe ukuboko kw'iburyo kuba gufashe inkota ukundi kuba gufite ingabo. Iyo witegereje intambwe n'ibikorwa by'abaseruka wagira ngo abiyereka bararwana bya nyabyo. Abiyereka inkota binikirizwa n'ihembe, bagashozwa n'indirimbo yitwa *Urusamo* iterwa n'umutwe w'abaririmbyi babavuga ibigwi, ikabatera akanyabugabo.

Itsinda ry'abiyereka ryinjira ku murongo imbere y'abo biyereka, babiri muri bo bakirasa imbere, bagategana, bagatangira guhanganisha inkota bameze nk'abashaka kuziterana bufuka (ari byo bita **Umufuka**), buri wese akagaragaza ubuhanga bwo gukinga ingabo no kwizibukira.

Uyu mwiyereko urushaho gutangaza abawureba bwa mbere igihe umwe mu biyereka akoresheje ukuguru kw'iburyo, akubitisha igitsitsino urwubati ruri mu mugongo maze inkota yarimo ikiterera hejuru. Uwiyereka ashyira icumu vuba na bwangu mu kiganza cy'ibumuso gifashe ingabo maze agacakirira inkota mu kirere akoresheje ikiganza cyari gifashe rya cumu, anasatira uwo bahanganye. Undi nawe akaba yabigenje atyo maze inkota zombi zigasakirana, abiyereka na bo bagatera urwamo umukino ukarangirira aho. Umwiyereko usozwa bombi barambura amaboko bafashe inkota bagahindukira bakareba abo biyerekaga**.**

## 2.3. KWIYEREKA ICUMU N'INGABO / UMUHETO

Uyu mwiyereko na wo ni uw'urugamba. Abiyereka bashobora kwiyereka bamwe bafite amacumu n'ingabo, abandi bafite imiheto n'imyambi; guseruka kw'aba mbere bikitwa *gutamba ingabo*.

Muri iyi myiyereko, buri wese abanza kwiharira urubuga akihandagaza, agasakara mu mpande zose. Agera aho agashinga ibirindiro nk'uwiteguye guhangana n'umubisha, akararanganya amaso hirya no hino ashakisha aho umwanzi aherereye, agasubira inyuma gato, noneho agatera intambwe ndende nk'ushaka gutungura umubisha, akongera akajya ejuru akisararanga. Agahindukira ako kanya nk'aho agiye guhangana n'undi mwanzi, agahita ataruka akajya ku ruhande by'amayeri, akamera nk'uhuye n'umwanzi ukomeye kumurusha adashaka kwigabiza, ariko agahita amutikura icumu cyangwa umwambi akamugusha.

Nko mu yindi myiyereko yose abaseruka bagira intambwe zihariye bakoresha binjira ku rubuga cyangwa basesa ingamba, ibyo bigakorwa biherekejwe n'ibyivugo. Mu kwiyereka icumu n'umuheto, uwiyereka asohoka mu itsinda rya bagenzi be ku ntambwe y'**ibitandatu**. Abiyereka barasimburana kugeza bose bahetuye.

## 2.4. UMURAMBIRO

Mu Bugoyi hahoze itorero ryitwa *Inkaranka* ari na ryo ryonyine ryiyerekaga *Umurambiro* mu Rwanda rwo hambere. Kera *Inkaranka* ziyerekaga igihe cy'amakoro i bwami ziyaherekeje, mu bukwe no mu bindi birori by'abatware.

Umurambiro wajyanaga n'umurishyo w'ingoma wihariye mu njyana y'intambwe yo mu bwoko bw'urugege iherekezwa n'umurishyo w'ingoma *Ruharage*, abarambira bakiraba ingwa.

Abiyereka binjira umwe umwe, bakarema urugamba ruteye nk'umuheto bateganye n'abo baserukira, bagatangira kurambira umwe umwe.

**Kwerekana ubuhanga bwa buri muntu bikorwa mu byiciro bibiri:**

- **Mu cyiciro cya mbere:** Uwiyereka aserukana intwaro ze (icumu, ingabo), akagana ku mukondo, akirasa imbere, akisararanga agasubira inyuma agashinga ibirindiro, agashyira intwaro ze hasi. Abandi na bo bakabigenza batyo.
- **Mu cyiciro cya kabiri:** Urambira aseruka adafite za ntwaro ze mu ntoki, akoresha umubiri we awugoronzora, yikunda mu mubyimba, agaragaza ko anoze kandi ashobora kwizibukira, gutega no gukanga; akabikora anongeramo udukino twinshi uko abyumva. Hanyuma agahindukira agafata za ntwaro ze agasubira mu ngamba.

Umurishyo w'ingoma uherekeza urambira wubahiriza umwihariko w'imiserukire ya buri wese.

**Umurambiro wibanda ku kwerekana ibice by'umubiri binyuranye ku buryo bihimbaza ababireba:**

- Kugaragaza icyena mu nda;
- Gukoresha amaboko nk'uwigana inyamaswa (kagoma, inkende,);
- Gukoresha ibiganza mu buryo budasanzwe bumenyerewe mu mbyino nyarwanda.

## 2.5. IMPARAMBA

*Imparamba* ni imwe mu ngeri zo kwiyereka ikomoka mu Bufundu (ubu ni Nyamagabe), isakara mu Busanza no mu Bwanamukari. Abiyerekana iyi ngeri babaga mu mutwe nawo witwaga *Imparamba*. Ni umwiyereko w/ihariye wimakaza akamaro k'isuka.

Umwiyereko w'imparamba ubimburirwa n'ihembe, ugaherekezwa n'ibyivugo n'akamo by'abidozi (ibyidogo), tutibagiwe n'ingoma. Uwo mwiyereko uherekezwa n'indirimbo z'abaseruka nk'abahinzi ndetse n'abogezi b'ibigwi by'ubuhinzi ndetse n'amashyi akomwa mu buryo bukurikira: *Nyabigwi* na *Igomba*. Amasuka akoreshwa ni amasuka yakoze kandi akwikiye neza atatera ikibazo.

Mu Rwanda rwo hambere, imparamba zaserukaga zambaye ibicocero (amakoma bakindikiza) n'ingofero ku mutwe zikozwe mu birere bya ngabo.

Abagize itorero baseruka bari ku murongo umwe cyangwa ibiri iteganye barangajwe imbere n'ihembe, ingoma n'abidozi. Baserukana ingeri ebyiri z'intambwe zitwa *nyesi* na *nyejuru*. Aya mazina aturuka ku byiciro by'imbyino zihariye Imparamba ziserukana byitwa *"Amakuci, Nyesi na Nyejuru"*.

- **Amakuci:** Ni icyiciro kibanza kirangwa no guhuza uburyo bazamura amasuka, baba barima gusa bitaravangura.
- **Nyesi na Nyejuru:** Ni icyiciro cya kabiri aho abiyereka bakoresha amasuka arambuye, yirobanuye. Iki cyiciro giherekezwa n'ingoma, ihembe, ari na ko bakoma amashyi biyamirira cyane.

Imparamba ziserukana kandi n'umudiho wihariye ufite imbaraga uherekezwa n'indirimbo zo mu bihe byo hambere nk'iyitwa **Rwangaguhunga**. Iyo Imparamba ziseruka byibutsa uko kera Abanyarwanda bahuriraga mu gikorwa cy'ubudehe cyarangwaga no gufatanya imirimo y'ubuhinzi no gusabana nk'abaturanyi kigasozwa no gusangira.

Mu mwiyereko wazo, Imparamba zidukumbuza uwo muco mwiza zibyina Nyesi na Nyejuru, zigasoza zisangirira ku ntango yateretswe na nyir'umurima, bikitwa *Umwirenguro*.

Uyu mwiyereko w'Imparamba userukamo abagabo. Abagore n'abakobwa bakawugiramo uruhare berekana uko umurimo wo gutongora aho abagabo bahinze wakorwaga.

# UMUTWE WA GATATU:

# IMIDIHO

Ijambo umudiho rikomoka ku nshinga *kudiha* bisobanuye kubyina ucinya ibirenge ku butaka, ubisimburanya kandi harimo n'imbaraga. Imidiho ishobora kugaragaramo ibice bitatu bikurikira:

- **Gutoza cyangwa Gucunda:** Useruka abanza gutega amatwi indirimbo, agatangirana n'intambwe zoroheje yimenyereza injyana. Imibyinire igenda yiyongera kugeza ubwo ashobora kujyanamo n'abandi.
- **Gushinga icumu**: Iki ni igice cy'ingenzi mu mudiho ariko utasanga mu mbyino zose. Iyo useruka amaze kwiyunga n'injyana neza, arahimbarwa, akajya ejuru wese, akagarika igituza n'amaboko, akarambura umubyimba, agahanika uruhanga ari na ko acurira n'imbaraga nyinshi, agakesha abamurora bigahimbaza bagenzi be bigatuma bamutiza umurindi, igihe cyagera *agakura icumu*.
- **Gutuza**: Iki gice kirangwa no kugabanya imbaraga, useruka *akavuna*, akava ku rubuga.

Hirya no hino mu Rwanda hari ingeri zitandukanye z'imidiho nk'uko bigaragara aha hasi:

## 3.1. IKINIMBA CYO MU NDORWA

Ikinimba ni ingeri y'imbyino dusanga mu turere tw'ahahoze hitwa mu Ndorwa, ikaba ingeri Abanyarwanda basangiye n'abaturanyi babo b'ahitwa Kigezi mu Buganda. Ntibitangaje ko indirimbo gakondo ziherekeza iki kinimba zikoresha ururimi shami rw'Urukiga. Hari abita iki kinimba *Umucinyiro* cyangwa *Umutsama*.

Iki kinimba kibyinwa bacinya ibirenge byombi ku butaka kandi inshuro nyinshi, basimbuka ku buryo bwungikanya. Ubyina ikinimba akoresha ibice byose by'umubiri n'imbaraga nyinshi, kandi mu kwikunda kwe akikebuka intugu zombi.

**Ikinimba kibyinwa mu byiciro bibiri:**

- *Icyiciro cya mbere:* Abaririmbyi batereka ikinimba bashoza ababyinnyi. Ababyinnyi na bo bagakoma amashyi baciye bugufi, batiza umurindi abaririmbyi, bakabanza *gucunda bahozoza*, basimbiza intugu; bose bamara kuremereza umuriri ababyinnyi bakinikiza ikinimba biterera hejuru, bagacinya ibirenge hasi n'imbaraga nyinshi, ahasigaye bagasizana.

- *Icyiciro cya kabiri:* Mu njyana y'ikibiri bacinya ibirenge hasi ubugira kabiri ari nako baranga amaboko iburyo n'ibumoso, hanyuma bagasimbuka inshuro ebyiri bazamura amaguru icyarimwe. Abarusha abandi ubuhanga no guhimbarwa bizengurukaho, bagasoza bazamuye amaboko, barambuye ibiganza.





### 3.2. IKINIMBA CYO MU MURERA

Iyi ngeri y'ikinimba yiganje mu Murera, tukayisanga no mu turere tuhegereye nka Buberuka, Ndorwa, Bugarura, Bushiru, Kingogo, Bukonya, Buhoma, Rwankeri na Bugoyi.

Umudiho winikizwa n'inshoza y'umwe mu baseruka yaba umubyinnyi ufite ijwi ryiza kandi rirenga cyangwa umuririmbyi (urugero: *Akarucinyacinya*). Abikiriza babikora mu nteruro ngufi, mu majwi anihira, rimwe bagaca bugufi ubundi bakazamukira

icya rimwe ku njyana y'indirimbo. Bagatuza akanya gato, utera akabona kuzamura indirimbo y'ikinimba nyirizina (urugero: *Hinga amasaka*).

Ubyina iki kinimba atangira aciye bugufi, ariko igice cya ruguru kikaba cyemye. Abyina acinya ibirenge ku butaka n'imbaraga nyinshi, ari byo bimuha imbaduko ituma ataraka iburyo n'ibumoso, atumbagira mu kirere ari na ko aranga amaboko, agatigisa intugu, akanyuzamo akareba bagenzi be asa nk'ubakabura ari na ko yungikanya ibitego n'ibikango. Abagore n'abakobwa baseruka muri iki kinimba na bo babyina batigisa intugu, bagataraka, amaboko azamuye kandi arambuye ku kigero cy'intugu.

Akenshi, iki kinimba kigaragaramo ubusabane aho batereka intango maze bagategana bamwe bahamagarira abaseruka neza gusizanira gusoma kuri iyo ntango y'imihigo, babanje kugaragaza ko ari abahizi. Icyo gihe, hasohoka ababyinnyi babiri; baba abagabo babiri cyangwa umugabo n'umugore.

## 3.3. IKINIMBA CYO MU KANAGE

Hari ingeri y'ikinimba kiganje mu Kanage (Rutsiro) ariko dusanga no mu nkengero z'u Bugoyi (Nyamyumba, Kanama) na Kingogo (Kayove, Ngororero).

Binikizanya inshoza yitwa *Agasama*, bakayikiriza banihira bigakorwa ubugira kabiri cyangwa gatatu, ku nshuro ya kane cyangwa nyuma abagabo n'abagore bakajyanamo ikivunge ku njyana y'indirimbo yihariye (urugero: *Urweguzo*).

Useruka arasimbuka ari na ko anaga amaboko mu kirere, agaca bugufi by'igihe gito akongera agasimbuka. Iki kinimba kirangwa n'indirimbo ziryoheye amatwi ziherekejwe n'ibicurangisho gakondo nk'inanga, umuduri n'iningiri.

## 3.4. IKINIMBA CY'URUSENGO

Ikinimba cy'Urusengo kigaragara cyane cyane ahitwa mu Gahunga k'Abarashi kikaba cyarasakaye no mu duce twa Nkumba, Kidaho, Kinigi, Butaro, Kivuye n'utundi duce tuhegereye.

Iki kinimba giherekezwa n'ibikoresho byitwa insengo, zigomba kuba nibura eshatu zifite amazina nk'ay'ingeri z'ingoma z'imivugo zitwa *Ishakwe, Inyahura, Igihumurizo,* zifite amajwi meza y'urwunge. Ikinimba cy'urusengo giherekezwa no gukoma mu mashyi rimwe na rimwe n'indirimbo ndetse n'ingoma.





Iki kinimba kinikizwa n'abavuza insengo. Kubyina iki kinimba birangwa no gucinya ikirenge cy'iburyo bagatemba kure hashoboka bagana ibumoso nyuma bagahindura ikirenge n'icyerekezo. Uko gucinya ikirenge bikorwa inshuro ebyiri zikurikirana ari nako ubyina ataraka ndetse rimwe na rimwe akaba yakwizengurukaho. Gutemba bijyana no kubanza guhina amaboko hagakurikiraho kuyarasa ibiganza bireba inyuma, intoki zose zitagaranye, igikumwe kireba hasi.

Abagore babyina urusengo bagira intambwe y'umwihariko yo kunaga ukuguru inyuma guhinnye, akakugarura yizengurukaho akabona gukomeza gutemba.

## 3.5. IZINDI NGERI Z'IMIDIHO

### *3.5.1. Imidiho yo mu Budaha, Bwishaza, Rusenyi-Itabire, Nyantango n'u Bufundu*

Imbyino zo muri utu duce zitangira umwe mu baririmbyi ashoza mu njyana yihariye, yinikiza igitaramo cy'inkera. Bakomeza batera indirimbo zimwe muri zo abahanga mu bya muzika bashyize mu rwego rwa 5/8 cyangwa 6/8, bakayikiriza bakoma mu mashyi maze ababyinnyi bagataha urubuga.

Imbyino zaho z'abagabo rimwe na rimwe zijya kumera nk'ikinimba, mu gihe imibyinire y'abagore ijya kumera nk'imbyino z'inka bikekwa ko bazikuye ahahoze umurwa w'umwami i Rubengera mu Bwishaza n'i Nzaratsi muri Nyantango.

### *3.5.2. Imbyino zo ku nkombo: umunyigito*

**Imbyino zo ku kirwa cya Nkombo (mu kiyaga cya Kivu - Rusizi) zirihariye kubera:**

- Ururimi rukoreshwa: Igihavu kivanzemo amwe mu magambo y'Ikinyarwanda.
- Ururirimbo n'injyana usanga bitandukanye n'ibisanzwe mu ndirimbo nyarwanda.
- Ibikoresho biherekeza imbyino: amafirimbi, ikembe n'ibinyuguri.
- Imyambaro n'imyambarire y'abaseruka: abagore imipira cyangwa amashati bagakenyera igikwembe (igitenge). Abagabo bambara agahu k'inkende gatamirije mu mutwe.

Nk'uko umuhizi avuga isuka, umworozi akavuga inka, abahigi bakavuga ubuhigi n'amahigi, abaseruka bo ku Nkombo babyina bibanda ku kwerekana umwuga wabo w'uburobyi, uko bagashya, uko bavuga barwanya umuhengeri.

**Muri rusange, imbyino zo ku Nkombo zirangwa n'ibi bikurikira:**

- **Injyana iteye nk'iy'umucezo:** Babyina barashya amaguru, banyeganyeza umubyimba, abagabo banyuzamo bakazunguza akaguru mu kirere bashushanya uruziga.
- **Imitwarire y'amaboko:** Hari igihe babyina batwara amaboko nk'aboga, bakagarika ibiganza byombi imbere yabo baciye bugufi,

bakabihuza, bakajya ejuru bihagije, bagasubiza amaboko inyuma nk'aho ari ingashya, bigana *abavugama* berekeza iburyo n'ibumoso, ibyo bikabasaba nanone guca bugufi kugira ngo bageze kure hashoboka. Hari n'igihe bahina amaboko basa nk'abashinga inkokora imbere yabo ubugira kabiri, bakazamura amaboko hejuru y'umutwe bagakoma amashyi.

Iyo bajya guhindura imiserukire barafunga, bagacinya ikirenge, bakema akanya gato, bakabona gukomeza.






# UMUTWE WA KANE:

# INGERI ZIHARIYE

## 4.1. Intwatwa

Mbere y'umwaduko w'abakoroni, Intwatwa zari imbyino za bamwe mu bagize umuryango nyarwanda bitwaga "Abatwa", nyuma zaje kuba imbyino zikunzwe n'Abanyarwanda mu duce twose tw'Igihugu. Ubu ni imbyino dusanga hirya no hino mu gihugu cy'u Rwanda. Mu Rwanda rwo hambere, imbyino z'intwatwa zatandukanaga bitewe n'abazibyina n'aho zibyinirwa; iz'ibwami n'iza rubanda. Ari indirimbo ari n'imbyino, wasangaga ari zimwe ariko iz'ibwami zikanogerezwa, zigakungahazwa zikarushaho kunogera amatwi n'amaso. Kimwe n'izindi ngeri z'imbyino, ntawakihandagaza ngo avuge ko ashobora gusobanura bihamye imiterere n'ubukungahare bw'imbyino z'intwatwa.

Abaririmbyi bakoma amashyi ibiganza bifunguye, intoki zitandukanye cyane ku buryo wakeka ko zibusana maze bigatanga ijwi riranguruye. **Ubuhanga bwo gukoma amashyi bwashyirwa mu ntera bikurikira:**

- *Ibibisi*: Ni uburyo bwo gukoma amashyi butanga injyana y'ibanze, ari nayo abiga batangiriraho.
- *Ibihiye*: Ni uburyo bwo gukoma amashyi burimo ubuhanga butuma injyana y'ibanze yongerwamo injyana shami bigatuma indirimbo irushaho kunogera amatwi no kugusha neza ababyinnyi n'abayumva.
- *Ibitego*: Ni uburyo bwo gukoma amashyi buhanitse bugaragaza ubuhanga bw'uyakoma, bukarangwa n'ibitego n'ibikango bifasha ababyinnyi b'indongozi kurushaho guseruka neza.

Izo ngeri z'amashyi ziruzuzanya zigatanga amajwi y'urwunge ahimbaza ababyinnyi. Ubuhanga bwo gukoma amashyi bufasha mu buryo bwo gutega amaboko mu gihe cyo kubyina. Bumwe mu buryo bwo gutega amaboko bwamamaye cyane ni *ugutega urushara* burangwa no guhina ukuboko kw'ibumoso ubyina yerekeza ikiganza imbere ariko hasi, ukuboko kwitaruye igihimba mu gihe ukuboko kw'iburyo gutwarwa nk'ukw'ibumoso kwerekezwa hejuru.





Inyinshi mu mbyino z'intwatwa zigira injyana ya 5/8. Kimwe no zindi mbyino, umugabo ubyina intwatwa aseruka mu ntambwe ndende naho umugore agaseruka mu ziringaniye uretse ko muri iyi mbyino ho barushaho kwisanzura, guhimbarwa, bagatwarwa bakabigaragariza cyane mu ntambwe z'ibitego n'ibikango tutibagiwe no kunyuzamo *bagatega urushara*.

Imbyino z'intwatwa zigaragaramo intambwe nyinshi, hakabamo izihariye zitwa: *Umukarago, Inkarata, Ibitego* n'*Ibikango*.

### 4.2. Gutamba inanga

Inanga ni kimwe mu bicurangisho gakondo bya kera.  Mbonimana G. avuga ko Ku ngoma ya Mibambwe II Gisanura (ahagana mu myaka ya 1669 - 1692) abaturage ba Kingogo bajyaga bazitura i bwami, nk'amakoro.

Mu ntangiriro inanga zacurangwaga n'abagabo ariko muri iki gihe n'abari n'abategarugori barazicuranga. Hari igihe inanga zaherekezaga amahamba bigatanga umunyuzo.

Gutamba inanga bikorwa n'abagore n'abakobwa bakabyita *gutagurira* ari byo birangwa no kubyina ugendeye ku njyana y'umurya w'inanga bikunda mu mubyimba.

# UMUSOZO

Mu bikorwa Inteko y'Umuco ikora ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo harimo kubungabunga Umuco n'Umurage Nyarwanda. Ni ngombwa ko imibereho y'Abanyarwanda ishora imizi mu muco wacu. U Rwanda ariko na none rusabana n'ibindi bihugu, ni ngombwa kuvoma mu muco wabyo ibidufitiye akamaro byatuma twiyubaka kurushaho. Imbyino z'amahanga zidufasha mu gusabana na bo yewe byaba ngombwa tukaba twavomamo ibidufitye akamaro, ariko imbyino gakondo ni umwihariko w'u Rwanda ugomba kubungwabungwa no gusigasirwa.

Urubyiruko rw'u Rwanda rukwiriye kwitoza imbyino gakondo ku buryo bunoze bigatozwa n'abandi. Inteko y'Umuco itegura iyi nyoborabatoza yari igmije ko ubumenyi, umwimerere, isa ry'imbyino gakondo ritazima bityo n'abashaka kubyina ibihahano bagirire icyo baheraho, bamenye n'aho bagarukira.

Imbyino n'indirimbo ziziherekeza, ni inkingi ya mwamba y'Umuco nyarwanda kuko usangamo n'izindi ngeri z'Ubuhanzi hafi ya byose (Ubusizi, ibyivugo, Ikinamico…). Imbyino n'indirimbo ziziherekeza ni ingeri nini cyane bitoroshye kucengera. Imbyino nyarwanda ni nyinshi cyane.

Muri iyi nyoborabatoza ntabwo imbyino zose za kinyarwanda twazivuye inyuma. Icyari kigenderewe kwari ukugaragaza zimwe mu byino z'ibanze, imyiyereko zamenyekanye cyane kandi zikigaragara na n'ubu kugira ngo abato, abazitoza n'abandi basobanukirwe n'umwimwerere wazo bityo babe bawigana; abahanga ibishya na bo babashe kuvomamo ariko hagamijwe muri rusange gusigasira uwo murage.

# INZIMBURABUMENYI

1. **Nkurikiyinka Jean Baptiste** (2002). *Introduction a la danse rwandaise traditionelle,* Tervuren, Belgique

1. **Simpenzwe G**. (1992), *Ingoma i Rwanda,* Imprimerie scolaire.

## IMBONERAHAMWE MPINE Y'INYOBORABATOZA

| INGERI | IMBYINO | IGITSINA | INGERI Y'UBUHANZI BYUZUZANYA | AMAVU N'AMAVUKO/ IMPUGU ZARI ZIGANJEMO | UKO ZIBYINWA | IBIKORESHO BYIFASHISHWA | INGERO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **IMBYINO Z'INKA/ ZEREKANA UB-WIZA BW'UMUN-YARWANDAKAZI** | Umushagiriro/ Umushayayo | Gore | Indirimbo/ Incurango (inanga)<br>.Kuvuza ingoma (Kuva nyuma y'Ubukoroni) | I bwami | Imbyino z'inka/ zerekana ubwiza zatangiye ari imwe mu mbyino zaserukanwaga i bwami hagamijwe kwerekana kwikunda k'Umunyarwandakazi, ubwiza, ubushongore n'ubukaka bw'inyambo. Muri izi mbyino usanga ubwiza bw'inka (inyambo) bugererenywa n'ubwiza bw'Umunyarwandakazi. Hari igihe babyina bazamura amaboko bigana imiterere y'amahembe y'inyambo byitwa *gushinga icumu*. Hakaba na none igihe babyina bigana ingendo y'izo nka bajyanisha amaboko n'igihimba. Ibyo bikorwa mu cyiciro cyo gucunda. Hari no gutereka amaso bigana indoro y'inka (amaso y'inyana = amaso meza). Icyo gihe ubyina asa n'ureba hasi, ntacyo arangariye, atuje, yatwawe. Abaseruka bakoresha ibice byose by'umubiri ariko akibanda cyane ku ruhanga, mubyimba n'amaboko (Ibisobanuro kuri buri mbyino mwabibona mu Nyandiko iri haruguru) . | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Icyanganga Intambi<br>Ubusasa<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi | Inzovu,<br>Abambankanda,<br>Ndare<br>Ibare<br>Mfura ziri hano |
| | Imbyino z'icumu | Gore | Indirimbo<br>Ingoma | I Buganza<br>U Bwanacyambwe ku nkengero za Nyabarongo (urugero: Kamonyi)<br>Buganza | | -Icyanganga Intambi<br>Ubusasa<br>Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Urugori | Imyoma<br>Akabakecuru |
| | Igishakamba | Bombi (Gabo &Gore) | Indirimbo<br>Ingoma | Nkore | | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Ifirimbi | |
| | Ikinyemera | Bombi (Gabo&Gore) | Indirimbo<br>Ingoma | Bigogwe | | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Inkoni<br>Ingofero | Umudamazera |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **IMYIYEREKO** | Umuhamirizo | Gabo | Ikondera<br>Umurishyo w'ingoma yitwa Ruharage n'iyitwa Ingaraba<br>Umwidogo w'abacyura n'abashoza intore<br>Ibyivugo n'indirimbo z'intore mu ngamba. | Nyaruguru<br>i Bwami n'i butware | Ni ingeri yo guseruka yahoze ari umwihariko w'ingabo ziri mu myitozo haba ibwami, ibutware, mu ngando no ku rugerero.<br>Mu Rwanda rwo hambere, imyiyereko yakorwaga n'abagabo.<br>Abaseruka baserukana ibikoresho bikoze nka zimwe mu ntwaro gakondo mu biganza byombi (icumu, ingabo cyangwa umuheto hakoreshwaga ibice by'umubiri nk' umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru.<br>(Ibisobanuro bicukumbuye kuri buri mwiyereko mwabibona mu Nyandiko iri haruguru) . | -Ingoma<br>-Amayugi<br>-Umugara<br>Icumu<br>-Ingabo<br>Ibihagatiro<br>Inkindi<br>Inkomo<br>Umukenyero | Imihamirizo:<br>Ikotaniro<br>Igitego<br>Ruhame<br>Ingamji<br>Imanzi<br>Nyirangewe<br>(Gusohoka) |
| | Kwiyereka icumu n'ingabo/Umuheto | Gabo | Ingoma ya ruharage | Mu mitwe y'ingabo | | Ingoma Ruharage<br>Icumu<br>Ingabo<br>Umuheto<br>Inkindi<br>Inkomo<br>Umukenyero<br>Agapira<br>Inkweto | |
| | Kwiyereka inkota | Gabo | Ingoma ya ruharage<br>Indirimbo | Mu mitwe y'ingabo | | Ingoma Ruharage<br>Icumu<br>Inkota<br>Ihembe<br>Ingabo<br>Umukenyero<br>Agapira<br>Inkota<br>Urwubti<br>Inkweto | Urusamo |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Kurambira | Gabo | Ingoma ya ruharage | Mu bugoyi (Umutwe w'ingabo witwaga Inkaranka zo mu Bakemba) | | Ingoma (Ruharage)<br>Icumu<br>Ingabo<br>Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Ingwa<br>Amayugi | |
| | Imparamba | Gabo<br>Igitsina gore giseruka mu gutongora | Ingoma<br>Ihembe<br>Ibyivugo | Ubufundu (Nyamagabe)<br>Ubusanza (Nyanza) | | Amasuka<br>Amayugi<br>Ingofero<br>Umukenyero<br>Umupira<br>inkweto<br>Ingofero<br>Amasuka<br>Ihembe<br>Ibicocero<br>Ingoma<br>Umwirongi | Rwangaguhunga. |
| **IMBYINO Z'UMUGERI/ IMIDIHO** | Ikinimba cyo mu ndorwa | Bombi | . Indirimbo<br>.Ingoma | Gakondo ya Ndorwa | Icyi cyiciro cy'imbyino kirangwa no gusimburanya ibirenge ubicinya ku butaka kandi harimo n'imbaraga. Habamo ibyiciro binyuranye uhereye ku babyina ibikorwa by'ingenzi bakora, n'imibyinire yabo (Gutoza/ Gucunda, Gushinga icumu, Gutuza). Injyana ikuznze kuziranga zose ni injyana y'ikibiri (binaire) utitaye ku mwihariko wa buri mbyino. (Ibisobanuro kuri buri mbyino mwabibona mu Nyandiko iri haruguru) . | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ikinimba Cyo mu Murera | Bombi | Indirimbo<br>Ingoma | Gakondo<br>Umurera | | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Ingoma<br>Amayugi | Hinga amasaka |
| | Ikinimba cyo mu Kanage | Bombi (Gabo & Gore) | Indirimbo | Kanage n'inkengero zaho | | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Ingoma<br>Inanga<br>Umuduri<br>Iningiri | Urweguzo |
| | Ikinimba cy'Urusengo | Bombi (Gabo &Gore) | Ingoma<br>Indirimbo (rimwe na rimwe) | Gakondo mu Gahunga k'Abarashi, Burera) | | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Ingoma<br>Insengo ( byibuze *Ishakwe* , *Inyahura, igihumurizo*) | |
| **IZINDI NGERI Z'IMIDIHO** | Imbyino zo Bwishaza- Rusenyi Itabire-Ubudaha-Nyantango n'ubufundu | Bombi (Gabao &Gore) | Indirimbo<br>Ingoma<br>. | Gakondo Kanage Bwishaza na Rusenyi-Itabire…) | Imbyino zo muri utu duce zitangira umwe mu baririmbyi ashoza mu njyana yihariye, yinikiza igitaramo cy'inkera. Bakomeza batera indirimbo zimwe muri zo abahanga mu bya muzika bashyize mu rwego rwa 5/8 cyangwa 6/8, bakayikiriza bakoma mu mashyi maze ababyinnyi bagataha urubuga. | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi<br>Igoma<br>Ibicurangisho (Rimwe na rimwe) Nk'umuduri, icyembe, inanga, iningiri, umwirongi | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Imbyino zaho z'abagabo rimwe na rimwe zijya kumera nk'ikinimba, mu gihe imibyinire y'abagore ijya kumera nk'imbyino z'inka bikekwa ko bazikuye ahahoze umurwa w'umwami i Rubengera mu Bwishaza n'i Nzaratsi muri Nyantango. (Ibisobanuro bicukumbuye kuri izi mbyino mwabibona mu Nyandiko iri haruguru) . | | |
| | Imbyino zo ku Nkombo:Umuny-igito | Bombi | Icyembe<br>Ingoma | Gakondo, Ikirwa cya Nkombo | Ni imbyino zidasanzwe kubera impamvu zikurikira: Ururimi rukoreshwa mu ndirimbo, ururimbo (Melody), ibikoresho byifashishwa, injyana, imyambrire n'imibyinire. Indirimbo zaho usanga akenshi ziherekezwa n'amafirimbi ndetse n'ibinyuguri bivuzwa n'abagore.<br>Imbyino zo ku nkombo zirangwa n'ibintu bikurikira:<br>-Injyana nk'iy'umucezo<br>-Imitwarire y'amabaoko y'aboga cyangwa abagashya.<br>(Ibisobanuro bicukumbuye kuri iyi mbyino mwabibona mu Nyandiko iri haruguru) . | Ishati/Agapira<br>Igitenge<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Ingashya<br>Icyembe<br>Ikinyuguri<br>Uruhu rw'inkende | |

## INGERI ZIHARIYE

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| INTWATWA | | Bombi (Gabo &Gore) | Indirimbo<br>Ingoma | Gakondo ya hose | Izi mbyino tuzikesha bamwe mu bagize umuryango nyarwanda bitwa Abasigajwe inyuma n'amateka (kera baitwaga Abatwa). Mu Rwanda rwo hambere, imbyino z'intwatwa zatandukanaga bitewe n'abazibyina n'aho zibyinirwa; iz'ibwami n'iza rubanda. Ari indirimbo ari n'imbyino, wasangaga ari zimwe ariko iz'ibwami zikanogerezwa, zigakungahazwa zikarushaho kunogera amatwi n'amaso.<br>Abseruka baba bacinya umudiho, abaririmba bakoma amashyi ibiganza bifunguye, intoki zitandukanye cyane ku buryo wakeka ko ziri kubusana maze bitanga ijwi y'urwunge ahimbaza ababyinnyi.<br>Ubuhanga bwo gukoma amashyi bufasha mu buryo bwo gutega amaboko mu gihe cyo kubyina. Bumwe mu buryo bwo gutega amaboko bwamamaye cyane ni *ugutega urushara* burangwa no guhina ukuboko kw'ibumoso ubyina yerekeza ikiganza imbere ariko hasi, ukuboko kwitaruye igihimba mu gihe ukuboko kw'iburyo gutwarwa nk'ukw'ibumoso kwerekezwa hejuru. Ranguruye.<br>(Ibisobanuro kuri buri mbyino mwabibona mu Nyandiko iri haruguru) . | Umukenyero<br>Umwitero<br>Agapira<br>Inkweto<br>Ingoma<br>Amayugi | Uruyego<br>Mpundu<br>Ibabaza |
| **GUTAMBA INANGA** | | Bombi (Gabo &Gore) | Indirimbo<br>Ingoma | Gakondo ya hose | Mu ntangiriro inanga zacurangwaga n'abagabo ariko muri iki gihe n'abari n'abategarugori barazicuranga. Hari igihe inanga zaherekezaga amahamba bigatanga umunyuzo.<br>Gutamba inanga bikorwa n'abagore n'abakobwa bakabyita *gutagurira* ari byo birangwa no kubyina ugendeye ku njyana y'umurya w'inanga bikunda mu mubyimba. | | |

# IBISOBANURO BY'AMUGA Y'IMBYINO

| IRYUGA | INGERI | IGISOBANURO |
|---|---|---|
| **Agashyi (Agashyî)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Agasiga k'imibare (agasiiga k'îmibarê)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Agasiga ko hasi (agasiiga kô hâasî)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Agasiga ko hejuru (Agasiiga kô heejuru)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Agatabirano (agataabiirano)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Agatimbo (agatiimbo)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Akabahanga I (ak'âbahaânga I)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Akabahanga II (akâbahaânga II)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Akabatsinda (Akâbatsinda)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Akagendo k'agace (akageendo k'âgacê)** | Umurishyo | Umurishyo mushya |
| **Akarusho (akarusho)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Amashyi (amashyî)** | Imbyino | Urusaku rwumvikana iyo bakomanyije ibiganza byombi byo kwizihiza indirimbo cyangwa batiza umurindi ababyina. |
| **Amaso (amâaso)** | Ingoma | Intoboro z'ibyahi zicamo inkoba. |
| **Amasuka (amasûka)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo |
| **Gahunda (gahuûnda)** | Intore | Kugenda ku murongo kw'intore icumu riri ku rutugu, yaba ari ingendo isanzwe cyangwa ifite injyana. |

| | | |
|---|---|---|
| **Guca amavi (gucâ amavî)** | Umuhamirizo | Gusimbuka kw'intore isoza umuhamirizo igatera ivi. |
| **Guca bugufi (gucâ bugufi)** | Imbyino | Kumanura igihimba ugahina amavi. |
| **Guca ibigonzo (gucâ ibigoonzo); guca ibigonzi (gucâ ibigoonzi); guca ikigonzo (gucâ ikigoonzo); Guca igikonzo (igikoonzo)** | Umuhamirizo | Kuba intore ziyereka icumu, inkota cyangwa ingabo zinjira mu rushya zigenda zikora hirya no hino zinyorogotora ziri ku murongo ziri ku ntambwe yabugenewe. |
| **Guca igikuba (gucâ igikûba)** | Imbyino, umuhamirizo | Kwinjirana umuriri nk'uwu'urugamba, byaba bikozwe n'ababyinnyi cyangwa intore, bikagaragazwa n'intambwe z'umuriri, induru nk'iy'intambara, n'ibyivugo byinshi, byose bikabyara ikintu cy'impirita. |
| **Guca ikibungo (gucâ ikibûungo), guca akabungo (gucâ akabûungo)** | Imbyino, umuhamirizo | Gusimbuka cyane mu mbyino cyangwa mu muhamirizo. |
| **Guca isibo (gucâ isibo)** | Umuhamirizo | Guca ikibungo cyane cyane by'intore igihe ihamiriza. |
| **Guca umubungo (gucâ umubûungo)** | Umuhamirizo | Gutanga cyangwa kwerekana umuhamirizo. |
| **Guca umugara (gucâ umugaara)** | Imbyino, umuhamirizo | Kuzunguza umugara by'intore. |
| **Gucunda (gucûunda)** | Imbyino | Kubyina unyeganyeza umubyimba gahoro gahoro ugira ngo wumve neza injyana y'imbyingo igiye kubyinwa. umuhamirizo weendá gukúrikira |
| **Gucunda inzogera (gucûunda inzogera), gucunda amayugi (gucûunda amayugi)** | Umuhamirizo | Guhamiriza buhoro by'intore zishayaya. |
| **Gucunda umuhamirizo (gucûunda umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Guhamiriza unyeganyeza umubyimba gatoya utoza umuhamirizo wenda gukurikira. |

| | | |
|---|---|---|
| **Gucurira (gucûrira)** | Imbyino | Kudiha udatera amaguru hejuru cyane uhamije umugerí. |
| **Gucyura (gucyûura), gucyura intore (gucyûura intoôre)** | Umuhamirizo | Kuza imbere y'intore by'umuntu ubíigenewe, avuza ikobe, ataraka, yidoga, yáasiira na zo zihamiriza. |
| **Gufata umuhamirizo (gufâta umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Gutangira babyina gahoro gahoro intambwe ikagenda ikaza umuriri. |
| **Gufatira icumu hasi (gufâtira icûmu haasî)** | Imbyino, umuhamirizo | Kuzamura amaboko uturutse hasi. |
| **Gufatira icumu hejuru (gufâtira icûmu heejuru)** | Imbyino, umuhamirizo | Kuzamura amaboko hejuru. |
| **Gufatira icumu inyuma (gufâtira icûmu inyuma)** | Imbyino, umuhamirizo | Kuzamura amaboko uturutse inyuma ahagana iburyo cyangwa ibumoso. |
| **Gufuha (gufuuha)** | Umuhamirizo | Kwinjira mu rushya ku mirongo ibiri hanyuma intore ebyiri cyangwa enye zikivuga. |
| **Guhamiriza (guhamiriza)** | Umuhamirizo | Kwiyereka kw'intore zihuza intambwe kandi zikunda mu mubyimba. |
| **Guhamiriza ikivejuru (guhamiriza ikiveejuru)** | Umuhamirizo | Uburyo bw'intore bwo guhamiriza ku buryo yerekana cyane igice cyo hejuru cyane cyane igituza. |
| **Guhamiriza ubukuzagara (guhamiriza ubukuuzagara)** | Umuhamirizo | Guhamiriza intore zitamaye imyambaro yabugenewe. |
| **Guhamiriza uruhinamavi (guhamiriza uruhînamâvi)** | Umuhamirizo | Guhamiriza usa n'uwunamye. |
| **Guhanika urubyino (guhanika urubyîno)** | Imbyino | Kuririmba uteye hejuru. |
| **Guhora mu rushya (guhôra mu rushyâ)** | Imbyino | Kuba umubyinnyi asohoka kenshi mu mbyino ku buryo bwarambirana, bigakoreshwa bamunegura. |
| **Gukanga (gukâanga), gukanga umuhamirizo (gukâanga umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Kugendera ku njyana idahuye n'iy'iremezo ikurikirwa n'intore cyangwa umubyinnyi nyamara ntusobanye. |
| **Gukaraga (gukaraga)** | Imbyino | Kubyina hakumvikana amajwí y'urusobe kandi anogeye amatwi. |

| | | |
|---|---|---|
| **Gukebuka (gukêbuka)** | Umuhamirizo | Kureba ku ntugu zombi kw'intore |
| **Gukenkemura (gukeenkemura)** | Umuhamirizo | Uburyo bwo kubyina kw'abavuza amakondera; Gutamba ikondera baciye bugufi bagataraka bakubita ibirenge hírya no hino. |
| **Gukobera (gukoobera)** | Ibikoresho by'intore | Guhambira amayugi ku maguru by'intore cyangwa gutunga amayugi ku mukoba. |
| **Gukubita umugara (gukûbita umugaara)** | Imbyino, umuhamirizo | Guca umugara. |
| **Gukubita umugara mu icumu (gukûbita umugaara mu iicûmu).** | Umuhamirizo | Kuvuna umugara uturutse mu kuboko gufite icumu, ni ukuvuga uva iburyo ujya ibumoso. |
| **Gukubita umugara mu ngabo (gukûbita umugaara muu ngabo).** | Umuhamirizo | Kuvuna umugara by'intore iwunyujije ibumoso aho itwariye ingabo ikawuganisha iburyo |
| **Gukunda inka (gukûunda inkâ)** | Umuhamirizo | Gukunda umuhamirizo,  gushyiramo imbaraga zose. |
| **Gukura icumu (gukûura icûmu)** | Imbyino | Uburyo bwo kubyina bwerekana ko imbyino igiye kurangira. |
| **Gusabagira (gusaabagira)** | Imbyino | Kubyina cyangwa gutamba ushayaya. |
| **Gusama (gusaama)** | Imbyino | Kubyina ku buryo bwihariwe n'abaturage bo ku Nkombo. |
| **Gusanza ingamba (gusâanza ingaâmba)** | Umuhamirizo | Kwagura ingamba hagati y'intore n'indi hakaba umwanya munini. |
| **Gusanza umugara (gusâanza umugaara)** | Umuhamirizo | Kuzunguza umutwe bisanza umugara bikawusubiza mu mwanya |
| **Gusatura ingamba (gusâtura ingaâmba); gusatura umuhamirizo (gusâtura umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Uburyo ingamba zigenda zicamo ibice zihereye hagati mu mihamirizo imwe n'imwe nka Coya n'Incamihigo; kwatira ingamba ku mukondo. |
| **Gusesa ingamba (guseesa ingaâmba)** | umuhamirizo | Kurangiza guhamiriza. |
| **Gushagirira (gushâagirira)** | Imbyino | Kubyina neza. Impuzanyito: gushayaya |

| | | |
|---|---|---|
| **Gushayaya (gushâayaaya)** | Imbyino | Kubyina wikunda mu mubyimba ukura ibirenge buhoro buhoro ntuceke umudiho. Impuzanyito: kujogera (kujôogeera); gushayaya (gushâayaaya); gutayaya (gutâayaaya); gutagurira (gutâagurira). |
| **Gushinga icumu (gushiinga icûmu)** | Imbyino | Kubyina uteze amaboko areba hejuru. |
| **Gushora mu rushya (gushora mu rushya)** | Imbyino | Kwinjira mu  rubuga. |
| **Gusimbuka ingabo (gusiimbuka ingabo)** | Umuhamirizo | Kwiyerekana ubuhanga by'intore isimbuka. |
| **Gusobeka ingamba (gusôbeka ingaâmba)** | Umuhamirizo | Kubaka imirongo kw'intore. |
| **Gusohoka (gusohoka)** | Imbyino, umuhamirizo | Kubyina ukigaragaza hanze y'ingamba. Impuzanyito: gutaha, gutahira. |
| **Gusohoka ikondera (gusohoka ikôonderâ)** | Umuhamirizo | Kuza imbere y'abantu kw'intore yavuye mu ngamba icurangirwa n'ikondera cyangwa ingoma ruharage. |
| **Gusokoza umugara (gusôkoza umugaara)** | Umuhamirizo | Gukubita umugara ukawerekeza inyuma ukegura umutwe ku buryo umugara ujya inyuma. |
| **Gutagurira (gutâagurira)** | Imbyino | Gushayaya |
| **Gutaha (gutaaha), gutahira (gutaahira)** | Imbyino, umuhamirizo | Kubyina cyangwa guhamiriza k'umuntu cyangwa kw'abantu benshi bitaruye ingamba. |
| **Gutamba (gutâamba)** | Imbyino | Kubyinira inanga cyangwa ikindi kintu bacuranga nk'urutaro. |
| **Gutamiriza umugara (gutaamiriza umugaara)** | Intore | Kwambara umugara kw'intore. |
| **Gutanga inka (gutâanga inkâ)** | Umuhamirizo | Kwerekana umuhamirizo ugiye gukurikira. |
| **Gutanganika (gutaanganika)** | Umuhamirizo | Kwiyereka mu ruhame. |
| **Gutarika (gutaariika)** | Imbyino | Kubyina uteze amaboko neza. |

| | | |
|---|---|---|
| **Gutayaya (gutâayaaya)** | Imbyino | Gushayaya |
| **Gutega amaboko (gutêga amabôko)** | Imbyino | Kurambura amaboko ukayagira nk'amahembe y'inka. |
| **Gutega urukoro (gutêga urukoro); gutega urukore (gutêga urukôre);** | Imbyino | Gutega amaboko kw'ababyinnyi yerekeje imbere ukuboko kumwe kuzamutse kurusha ukundi. Urukoro ni amaboko y'umubyinnyi ateze nk'amahembe y'inka íyagaruye imbere kandi akenda kugerekerana. |
| **Gutemba (gutêemba)** | Umuhamirizo, imbyino | Kugenda gahoro wunamira iburyo cyangwa ibumoso by'intore cyangwa abashayaya amaboko ategereye igihimba. |
| **Gutera ikobe (gutêera ikôobê)** | Intore | Urusaku n'ibyivugo bivugwa n'intore zitera umurava. |
| **Gutera ingamba (gutêera ingaâmba), guteza urugamba** | Umuhamirizo | Kujya ku mirongo by'intore. |
| **Gutinda umugongo (gutiinda umugôongo)** | Umuhamirizo, imbyino | Kurega umugongo kw'intore. |
| **Gutoza (gutôoza)** | Umuhamirizo | Gutanga umuhamirizo. |
| **Gutsindika (gutsiindika)** | Umurishyo | |
| **Gutwaza (gutwâaza); gutwaranya (gutwâaranya)** | Umuhamirizo | Kugenda ujya imbere n'imbaraga n'ubushake |
| **Ibihubi by'inka (ibihubî by'îinkâ)** | Umurishyo | Umurishyo mushya |
| **Ibihubi bya kabiri (ibihubî byaa kâbiri)** | Umurishyo | Umurishyo mushya |
| **Ibihubi bya mbere (ibihubî byaa mbere)** | Umurishyo | Umurishyo mushya |
| **Ibirori (ibirori)** | Imyidagaduro | Guhura kw'abantu benshi bahujwe n'umugambi ureba abaturage kandi wo kwishima rimwe na rimwe harimo no kubyina. |
| **Ibitambwe (Ibitâambwê)** | Umuhamirizo | Uburyo bwo gutera intambwe ndende kw'intore. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ibyidogo (Ibyidoogo)** | Umuhamirizo | Ibyivugo bisingiza intore uzogeza avuga. |
| **Icumu (icûmu)** | Imbyino | Gutega amaboko wigana amahembe y'inka. |
| **Icumu rirata amatako ( icûmu rirâata amatâko)** | Imbyino | Kuzamura amaboko ku buryo amatako agaragara cyane mu rwego rwo kwikunda mu mubyimba. |
| **Icumu ritsimba (icûmu ritsiimbâ)** | imbyino | Kuzamura amaboko ubyina bibanzirizwan'akaruhuko gato, igihimba cyose kikazamukana imbaraga. |
| **Icumu ritsimbuka (icûmu ritsiimbûka)** | imbyino | Kuzamura amaboko bibanzirizwa no gusimbuka, igihimba cyose kikazamukana imbaraga. |
| **Icyahi (icyaahi)** | Ingoma | Uruhu rutwikira ingoma. |
| **Icyahi cy'indibaso (Icyahi cy'îndibaso)** | Ingoma | Uruhu rwo mu ndiba rw'ingoma. |
| **Umugendo w'urugendo (umugeendo w'ûrugeendo)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Icyivugo cy'intore (icyîivugo cy'întoôre)** | Umuhamirizo | Kwivuga kw'intore iri guhamiriza, igihe iguye mu nka. |
| **Igicuma (igicumâ); igishenzi (igisheênzi)** | Ingoma | |
| **Igihagatiro (igihâgatiro); igitako (igitaako)** | Umutako w'intore | Umwe mu mishumi ica ku rutugu ukamanuka mu gatuza. Imishumi yombi ibusanira mu gituza ikitwa ibihagatiro. |
| **Igihubi (igihubî)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Igihumurizo (igihûumurizo)** | Ingoma | Ubwoko bw'ingoma. |
| **Igikango (igikâango)** | Imbyino, umuhamirizo | Gusa n'usobanya ubigize nkana; injyana idahuye n'iy'iremezo y'umuhamirizo. |
| **Igikobezo (igikobeezo)** | Ibikoresho by'intore | Umukoba utungwaho amayugi uhambirwa ku maguru y'intore |
| **Igikokora (igikôkorâ)** | Intore | Umurongo w'intore ziba hagati y'iri ku mukondo n'iziri ku ruhembe. |

| | | |
|---|---|---|
| **Igikonjo (igikoônjo)** | Imbyino | Kubyina amaboko ahinnye, inkokora zitegereye imbavu ahubwo zagutse, ibikonjo byegereye igituza. |
| **Igikore (igikôre)** | Umuhamirizo | Uwigisha umuhamirizo. |
| **Igikubwe (igikûbwe)** | Umutako | Umutako w'amasaro intore zitamiriza ziwuzingurije ku mugara zígiye kwiyereka. |
| **Igikundiro (igikûundiro)** | Umuhamirizo, imbyino | Imibyinire myiza y'intore cyangwa umubyinnyibigatuma abantu bayitangarira kandi bakayikunda. |
| **Igishagasha (igishagasha)** | Umuhamirizo | Intore itazi guhamiriza kandi itanagerageza kubyiga ngo ibimenye. |
| **Igishakamba (igishakaamba)** | Imbyino | Ubwoko bw'imbyino yo mu Mutara ishobora kuba yarakomotse mu Nkore. |
| **Igishongore (igishoôngore)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Igisoro (igisoro )** | Ingoma | Umukoba wo hejuru inkoba zivuye ku cyahi zifataho, uba wihotaguye, ugizwe n'inkoba nyinshi. |
| **Igitako (igitaako)** | Umutako w'intore | Igihagatiro. |
| **Igitandatu (igitâandâtu)** | Umuhamirizo | Intambwe y'umuhamirizo igizwe n'inshuro esheshatu ikaba ikundwa cyane mu mihamirizo. |
| **Igitaramo (igitâramo)** | Imyidagaduro | Gukoranira ahantu nijoro kw'abantu baganira, babyina, bishimisha. |
| **Igitaramo cy'imihigo (igitâramo cy'îmihigo)** | Igitaramo | Igitaramo cy'intore, akaba ari umuco zasigiwe n'ingabo. |
| **Igitego (igitêgo)** | Umuhamirizo | Umuhamirizo w'akanyuzo uruhura intore cyangwa ukazigarura mu nteko. |
| **Igituza (igituûza)** | Ingoma | Igice cyo hagati cy'ingoma. |
| **Ihembe** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ihembe (iheêmbe)** | Ikondera | Ikintu bavuza gikoze mu ihembe ry'impongo y'imfizi, cyane cyane nko kuri santimetero icumi uva ku isonga hari umwobo barivugirizamó. Rikoreshwa mu itsinda ry'abavuza amakondera. |
| **Ihembe (iheêmbe);** | Imbyino; umuhamirizo | -Imbyino ya kigore usanga badasimbukamo cyane;<br>-Ubwoko bw'umuhamirizo waturutse I Burundi, banawita Imanzi. |
| **Ikembe (ikeembe)** | Igikoresho cya muzika gakondo | Igikoresho bacuranga kigizwe n'agasanduku k'igití gakorogoshoye gatanga íjwi. Kabamo imbuto zuumye, utubuye cyangwa utujyo. Gafite imirya igera ku icumi, imiremire ikaba hagati. Iyo mirya iryamye ku misego ibiri. Uw'imbere ni ícyuma uw'inyuma ukaba agati. Itsindagirwa n'akuma kari hagati y' iyo misego gafatishije utugozí tunyura mu myenge iri ahagana ku mutwe w'ako gasanduku. Ikembe rishobora guherekeza inanga. |
| **Ikibinda (ikibîinda)** | Imbyino | Gutega amaboko uyerekeza imbere cyangwa inyuma. |
| **Ikibyiniriro (ikibyîniriro)** | Imbyino | Igihozo. |
| **Ikigarama (ikigarama)** | Imbyino, umuhamirizo | Umubyinnyi cyangwa intore utarabimenya cyangwa se utabizi kubera ubunebwe. |
| **Ikimanuka (ikimanuka)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Ikinani (ikinâani)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ikinimba (ikiniîmba)** | Imbyino | Ubwoko bw'imbyino yo mu majyaruguru ibyinanwa ingufu. |
| **Ikinyuguri (Ikinyuguri), urunyege (urunyêge), umunyanga (umunyaanga), injegeri (injêgeri), injebe (injebê)** | Igikoresho cya muzika | Ubwoko bw'igikoresho cyo mu bwoko bw'ibijegezwa, kikaba gikoreshwa n'abakondera. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ikirezi (ikirêzi)** | Umutako w'intore | Ubwoko bw'umutako ukomoka ku gikonoshwa cy'ikinyamunjonjorerwa cyo mu nyanja wambarwa n'intore mu gituza. |
| **Ikirushya (ikirushyâ)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo |
| **Ikirushya (ikirushyâ)** | Umuhamirizo | Izina bita umuhamirizo uzwi kandi uhamirizwa n'intore zo mu mitwe idahuje. |
| **Ikirushya II (ikirushyâ II)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Ikiyisumba (Ikiyîsuumba)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Ikizibira (ikizibira)** | Imbyino | Ubwoko bw'umudiho. |
| **Ikobe (Ikôobê)** | Umuhamirizo | Urusaku rw'intore ruvuga ibyivugo icyarimwe. Rukaba ari urusaku rwekana ibyishimo. |
| **Ikondera (ikôonderâ)** | Igikoresho cya muzika | Ikintu gicurangwa bagihuhamo. Kigizwe n'ingingo y'umugano. Iyo ngingo ishobora kuba iri ho igicuma cyangwa icyo gikoresho kikagirwa n'igicuma gusa. |
| **Ikondera riguye (ikôonderâ riguuyê)** | Ikondera | Kurangiza kuvuga kw'amakondera. |
| **Ikotaniro (ikootaniro)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Imanzi (imaanzi)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Imanzi (imaanzi)** | Umuhamirizo | Izina ry'umuhamirizo usanga hari aho intore zishyira intwaro hasi hanyuma zigakoma amashyi zerekana injyana y'umuhamirizo hanyuma zigakurikizaho intambwe. Ni umuhamirizo witwa ihembe wahinduwe. |
| **Imbangikane (imbaângiikane)** | Umuhamirizo | Uburyo intore zitega amaboko ahinnye, kumwe gufite ingabo cyangwa umuheto, ukundi gufite icumu. Inkokora ziba zigereye umubiri, amaboko ku ntore zose ari ku kigero kimwe ku buryo intwaro ziba zegeranye. |

| | | |
|---|---|---|
| **Imbanguranya (imbaânguranya)** | Umuhamirizo | Uburyo bwo gutega amaboko kw'intore aho usanga azamuye ku buryo butandukanye. |
| **Imbyino (imbyîno)** | Imbyino | Indirimbo iherekejwe n'umudiho. |
| **Imbyino gakondo (imbyîino gakôondo)** | Imyidagaduro | Imbyino nyarwanda zitari izo mu bwoko bw'umurishyo, izungu. |
| **Imirindi (imiriîndi)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umurishyo (umurishyo)** | Ingoma | Uburyo bwo kuvuza ingoma. |
| **Imishwaro (imishwaaro)** | Ingoma | Imishumi mito irandaranze ku ngoma. |
| **Imondo (imoôndo)** | Umwambaro w'intore | Uruhu rw'imondo rwambarwa n'intore ari inkindi irenzwa hejuru y'umukenyero. |
| **Impame (impamê)** | Umuhamirizo | Intore izi guhamiriza cyane yemerwa na bose. |
| **Impanda (impaanda)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Imparamba (imparaamba)** | Imbyino | Imbyino y'isuka ikunda kubyinwa mu majyepfo y'igihugu. |
| **Imparirwashema (Imparirwashema)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Impuma (impûumâ)** | Ingoma | Ubwoko bw'ingoma. |
| **Imyato (imyâato)** | Intore | Ibyivugo birebire intore zivomamo amabango zigira ibyivugo byazo. |
| **Inanga (inaanga)** | Igikoresho cya muzika gakondo | Ikintu kimeze nk'ingabo gifite uburebure busingira metero n'ubugari bureshya n'icya kabiri cyayo. Imitwe írahese. Igira imirya igera ku icumi, iyo hagati ireze cyane yitwa imiyuki, ikurikiyeho ikitwa imyitso, itareze cyane ikitwa ibihumurizo. Inanga akenshi iherekeza indirimbo. |
| **Incamihigo (incâamihigo)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Incunda (incûunda)** | Umwambaro w'intore | Utugozi tunagana ku nkindi. |
| **Incuragane (incuragane)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Indamutsa (indamûtsa)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Indangamyambi(indaan-gamyaambi); umusatura-mano (umusaturamano)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Indanguza (indaânguza)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Indatirwabahizi (Indaatirwabahizi)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Indatwa (indaâtwa)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Indege (indeêge)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo, bahamiriza basimbuka cyane. |
| **Indekwe (indekwe)** | Umuhamirizo | Imbaraga zivanze n'ibakwe bigaragazwa n'intore. |
| **Indirimbo (indîriimbo)** | Umuhamirizo | Hari ubwo hagati y'imihamirizo hashyirwamo indirimbo z'ingabo ziha umwanya intore wo kuruhuka. |
| **Induru (indûurû)** | Umuhamirizo | Urusaku rukomwa n'abogeza intore. |
| **Inege (inege)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ingabo (ingabo)** | Igikoresho cyo guhamiriza | Ubwoko bw'igikoresho intore yitwaza cyibutsa ko mu ntambara bagikoreshaga bikingira imyambi n'inkota. |
| **Ingamba z'urugereko (ingaâmba z'ûrugereko)** | Umuhamirizo | Ingamba zikurikira urwa mbere. |
| **Inganji I,II,III, impanikabahizi** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'imahamirizo. |
| **Ingaraba (ingarâba); umugaraba (umugarâba)** | Ingoma | Ubwoko bw'ingoma ndende intore zikoresha mu mihamirizo y'amakondera. Ishumikwaho umugozi bakayitwara bayihagatiye ikavuzwa bayikubitisha ibiganza. |
| **Ingendo y'inka (ingeendo y'îinkâ)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo |
| **Ingeri (ingeri)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo |
| | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo |
| **Ingirakamaro (ingirakamaro)** | Umuhamirizo | Umuhamirizo wo mu bwoko bw'igitego. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingoma (ingoma)** | Igikoresho cya muzika | Igikoresho cya muzika giherekeza imbyino gikoze mu giti cyangwa ibati gitwikije uruhu, bakivugisha imirishyo. |
| **Ingoma z'imivugo (ingoma zîmivugo)** | Ingoma | Ingoma zikoze umutagara. |
| **Ingombamugisha (ingoombamugisha)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ingwe (ingwe)** | Umwambaro w'intore | Uruhu rw'ingwe rwambarwa n'intore nk'inkindi, rugashyirwa hejuru y'umukenyero |
| **Iningiri (iniingiri); indingiti (indiingiti); ibubura (ibubura)** | Igikoresho cya muzika | Ubwoko bw'igikoresho gakondo cya muzika bw'umugozi n'agati bawukubaho. |
| **Inka (inkâ)** | Umuhamirizo | Umuhamirizo uwo ari wo wose ku buryo uteye by' úumwíihariko. |
| **Inka (inkâ)** | Umuhamirizo | Irindi zina ry'umuhamirizo |
| **Inkikabahizi (inkiikabahizi)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Inkindi (inkiîndi)** | Umwambaro wi'intore | Umwambaro ushyirwa hejuru y'umukenyero, kera wabaga ari uruhu rw'ingwe cyangwa imondo ariko muri iki gihe ni undi mwenda ufite amabara Manini urakoreshwa. |
| **Inkoba (inkobâ); imikoba (imikobâ)** | Ingoma | Imishumi yoku ruhande |
| **Inkomo (inkomo)** | Umutako w'intore | Uruhu rw'inguge yitwa inkomo rwambarwa n'intore mu ijosi. N'ibindi byose binigirizwa n'intore mu mwanya w'urwo ruhu byitwa inkomo. |
| **Inkubito (inkûbito)** | Imbyino, umuhamirizo | Kubyinana cyangwa guhamirizanya umurego biganisha ku ndunduro |
| **Inkumburwa (inkuûmburwa)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Inshogozabahizi (inshoogozabahizi)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Inshongore (inshoôngore)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Intabana (intâbana)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Intama (intaama)** | Intore | Uruhu rw'intama cyera rwabanje gutamirizwa n'intore mbere y'uko imigara iza. |
| **Intambi (intâambi)** | umutako | Agati kabaje kandi gatatse amasaro abagore bo mu miryango ikomeye bambaraga mu misaya yombi, bakadutamiriza ari tubiri bari mu birori cyangwa baserutse bari kubyina. |
| **Intambwe (intâambwê)** | Imbyino, umuhamirizo | Uburyo bw'umuhamirzo cyangwa imbyino biyiranga. |
| **Intangamuganzanyo (intaangamugaanzanyo)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Intayoberana (intayoberana)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo |
| **Inteko (intêeko)** | Umuhamirizo | Umwanya intore ihamiririzamó yatera intambwe ijya guhamiriza ahandi ikawugarukamo. |
| **Intore (intôore)** | Intore | Umuntu uhamiriza. |
| **Intore y'inkokwe (intôore y'înkokwe)** | Umuhamirizo | Intore izirusha zose |
| **Inumvu (inuûmvu); umutimbo (umutiimbo)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Inyabubiri (Inyabubiri)** | Ingoma | Imishumi yihotaguye mu mpande ku nkoba yo hasi ku rwahi rwo hejuru. |
| **Inyahura (Inyahura)** | Ingoma | Ubwoko bw'ingoma |
| **Inyange (Inyange)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Inyanja (Inyanja)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Indibaso (indibaso); indiba (indîba)** | Ingoma | Igice cyo hasi cy'ingoma. |
| **Inyikirizi (inyikirizi)** | Ingoma | Ubwoko bw'ingoma. |
| **Ipigiso (ipigiso)** | Amakondera | Aho abakondera bahurira bitoza. |
| **Isembe (iseembe)** | Ingoma | Indiba y'ingoma |

| | | |
|---|---|---|
| **Ishakwe (ishaakwe)** | Ingoma | Ubwoko bw'ingoma ifite ijwi ryo hejuru, ikaba iterera izindi ngoma. |
| **Ishyaka (ishyaka)** | Umuhamirizo | Izina ry'umuhamirizo. Hanabayeho itorero ry'intore ryamamaye ryitwaga Ishyaka. |
| **Itanganika (itaanganika)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Itanganika (itaanganika)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Itorero (itôorero)** | Ababyinnyi, intore | Umutwe w'abantu bahamiriza bigana uko intore zo hambere zabigenzaga. N'itsinda ry'ababyinnyi ryitwa itorero. |
| **Itorero (itôorero)** | Intore | Umutwe w'abantu bahamiriza bigana uko intore zo hambere zabigenzaga. |
| **Iyugi (iyugi), inzogera** | Umwambaro w'intore | Ibikoresho bitanga urusaku intore zishyira ku mirundi ahagana ku gitsi. |
| **Izogeye (izoôgeye)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Kababa (kababâ)** | Ibikoresho by'intore | Umwenda w'imbere w'umugara |
| **Kamarampaka (kamârampâka)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Kogeza (kôogeza)** | Imbyino, umuhamirizo | Gukabura ababyina cyangwa abahamiriza usimbuka imbere yabo wivuga cyangwa ubahamagara mu byivugo byabo. |
| **Kubanga amaboko (kubaanga amabôko)** | Imbyino, umuhamirizo | Guheta amaboko  akamera nk' umutambya (umuheto). |
| **Kubyina (kubyîna)** | Imbyino | Guhondagura ibirenge ku butaka ku buryo buboneye ukabigira wikunda mu mubyimba kandi urusaku rw'ibirenge rukajyanirana n'indirimbo yabigenewe. |
| **Kubyinira (kubyînira)** | Inanga | Gutambira cyangwa kubyinira icyo bacuranga. |
| **Kudiha (kudiiha)** | Imbyino | Guceka ibirenge hasi ukomeje umurindi uri kumwe n'abaririmba cyangwa abakoma mu mashyi imigeri ikajyana n'imbyino. |
| **Kudihagura (kudiihagura)** | Imbyino | Kudiha nabi unyuranya n'abatera. |

| | | |
|---|---|---|
| **Kudoma (kudôma)** | Umuhamirizo | Guhamiriza uteze urushara kandi utera udutambwe tugufi. |
| **Kugarama (kugarama)** | Umuhamirizo | Kunanirwa gutora umuhamirizo bakwigisha. |
| **Kugera ururenge (kugera ururenge)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Kugereka (kugereka)** | Umuharizo | Kujya ku rugamba ruri inyuma y'urwa mbere. |
| **Kugerekera (kugerekera)** | Umuhamirizo | Kujya ku murongo ukurikira |
| **Kugeruka (kugeruka)** | Imbyino | Kubyina witera hejuru. |
| **Kuguguza (kugûuguza)** | Imbyino | Kubyinana icumu n'amayugi biboneka mu Bugesera. |
| **Kugungira (kuguungira)** | Imbyino, umuhamirizo | Kurindira gato kugira ngo usubire mu njyana. |
| **Kugusha umuhamirizo (kuguusha umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Gusimbuka kw'intore barangiza umuhamirizo. |
| **Kugwa mu nka (kugwa muu nkâ)** | Umuhamirizo | Uburyo bwihariye bwo gusoza umuhamirizo uyu n'uyu. |
| **Kugweragwera (kugwêeragweera)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Kugwira amatako (kugwiira amatâko)** | Imbyino | Kuba ababyinnyi b'abakobwa bashayaya bikoza hirya no hino bagenda gahoro batabogamira imbere cyangwa inyuma ahubwo babogamira ku matako bateze amaboko. |
| **Kugwira inkindi (kugwiira inkiîndi)** | Umuhamirizo | Gutemba |
| **Kugwira inyonga (kugwiira inyoonga)** | Imbyino | Gutemba |
| **Kugwira umugara (kugwiira umugaara)** | Umuhamirizo | Guca umugara |
| **Kujya ku birenge (kujya ku bireenge)** | Imbyino inká | Kubyina ikirenge cyose kiryamye hasi. Ni ikinyuranyo cyo kujya ku mano. |
| **Kujya ku mano (kujya ku mano)** | Imbyino, umuhamirizo | Kubyina wisumbukuruza ugahagarara ku bworo bw'ikirenge. |

| | | |
|---|---|---|
| **Kunama (kunama)** | Imbyino | Kumanuka uzana igituza imbere. |
| **Kurambira (kuraambira)** | Imbyino | Kubyina umurambiro kw'inkaranka. |
| **Kurambira (kuraambira)** | Umuhamirizo | Kwiyereka mu muhamirizo by'ingabo. |
| **Kuremaza umuhamirizo (kurêmaza umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Guhindura intambwe z'umuhamirizo uzigira nziza kurushaho. |
| **Kuremereza umudiho (kuremeereza umudiiho) , kuremereza umuhamirizo (kuremeereza umuhamirizo), kwimika umuhamirizo (kwîimika umuhamirizo), kuremereza urugamba (kuremeereza urugaâmba)** | Imbyino, Umuhamirizo | Kubyinana umwete, guhamirizanya umwete. |
| **Kuririkiza (kurîrikiza)** | Indirimbo, Umuhamirizo | Kuririmba uhibongoza cyangwa guhiga cyangwa guhamiriza, n'ibindi, ukabigira neza cyane. |
| **Kuririkiza (kurîrikiza)** | Umuhamirizo | Guhamiriza ukabigira neza cyane. |
| **Kururutsa icumu (kuururutsa icûmu)** | Imbyino | Icyiciro gikurikira gushinga icumu bivuga ko ari ukumanura amaboko. |
| **kuvanga umuhamirizo (kuvâanga umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Uburyo bwo guhamiriza. |
| **Kuvuna (kuvuna)** | Umuhamirizo | Kwizungurutsa ukareba inyuma . |
| **Kuvuna sambwe (kuvûna saambwe)** | Imbyino, umuhamirizo | Guca umugara. |
| **Kuvuna umugara (kuvûna umugaara)** | Imbyino, umuhamirizo | Guca umugara. |
| **Kuvuza, gukoma, gutera akamo** | Umuhamirizo | Kogeza intore |
| **Kuyembagira (kuyêembagira)** | Imbyino | Kubyina udahamije umugeri. |
| **Kuyomba (kuyoomba)** | Kubyina | Kugenda ugabanura amajwi cyangwa amashyi mu mbyino. |

| | | |
|---|---|---|
| **Kuzinga inege (kuzîinga inege)** | Umurishyo | Ubwoko bwo kuvuza ingoma. |
| **Kwakira inka (kwaakiira inkâ); kwakira umuhamirizo** | Umuhamirizo | Guhamiriza umuhamirizo werekanywe n'indongozi. |
| **Kwasa imanzi (kwâasa imaanzi)** | Umuhamirizo | Guhamiriza umuhamirizo w' imanzi. |
| **Kwasa ingamba (kwâasa ingaâmba)** | Umuhamirizo | Gukora imirongo myinshi by'intore |
| **Kwasa ingamba (kwâasa ingaâmba), kwasa urugamba** | Umuhamirizo | Gukora imirongo myinshi by'intore. |
| **Kwatura (kwâatuura)** | Umuhamirizo | Guhana intera kw'intore ziri mu ngamba. |
| **Kwegura icumu (kwêegura icûmu)** | Imbyino, umuhamirizo | Kuzamura amaboko cyangwa icumu bigatuma ubyina cyangwa uhamiriza ushyizemo akabaraga. |
| **Kwera umubera (kwêera umubêra)** | Umushayayo | Kubyina ushayaya. |
| **Kwesa igisate (kweesa igisatê)** | Umuhamirizo | Gukubita inkoni hasi kw'abogezi b'intore bazitera ibakwe. |
| **Kwidoga (kwîidooga)** | Umuhamirizo | Kuririmba no kwivuga intore uzitera ibakwe. |
| **Kwikunda (kwîikuunda), Kwikunda mu mubyimba (kwîikuunda mu mubyîimba)** | Imbyino, umuhamirizo | Kwizihirwa no kuberwa mu mu byimba umuntu abyina. |
| **Kwimika inka (kwîimika inkâ); kwimika umuhamirizo** | Umuhamirizo, imbyino | Gutangira kugera aho umuhamirizo cyangwa umudiho ugeze aharyoshye, umuntu atangiye gukoresha ingufu nyinshi. |
| **Kwirahira (kwîirahiira)** | Umuhamirizo | Kwivuga kw'intore mu mpera y'umuhamirizo. |
| **Kwiyagana (kwîiyagaana)** | Imbyino | Uburyo bwo kubyina ikinyemera umuntu agaragaza cyane igituza. |
| **Kwiyaka (kwîiyaka)** | Imbyino | Uburyo bwo kubyina ikinyemera aho umubyinnyi atera intambwe amaze akanya abyinira ahantu hamwe. |

| | | |
|---|---|---|
| **Kwiyaka inkokora (kwîiyaka inkôkorâ)** | Umuhamirizo | Guhana intera intore zigahamiriza zitatana. |
| **Kwiyereka (kwîiyereka)** | Umuhamirizo | Kwerekana intambwe ufite ingabo, inkota, umuheto, icumu. |
| **Kwiyereka icumu (kwîiyereka icûmu)** | Umuhamirizo | Gukina witakuma ufite icumu. |
| **Kwiyereka ingabo (kwîiyereka ingabo)** | Umuhamirizo | Kwiyereka wigana uko bikingira ingabo. |
| **Kwiyereka ingabo (kwîiyereka ingabo)** | Umuhamirizo | Kwíiyereka wíigaana ukó biikíingira ingabo |
| **Kwiyereka inkota (kwîiyereka inkôota)** | Umuhamirizo | Kwiyereka mu muhamirizo ufite inkota. |
| **Mpore (mpore)** | Umuhamirizo | Uburyo bwo gutumira intore ngo zikore ingamba bitoza cyangwa bikaba ari ukubamenyesha ko imyitozo irangiye. |
| **Murebunyurwe (Murebunyurwe)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ntagishyika (Ntaagishyika)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ntubagendane (Ntuûbageendane)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Nyina wa Cyoya (Nyina wa Cyôoyâ)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Nyiramakwikwi (nyiramakwiikwi)** | Imbyino | Ubwoko bw'imbyino babyina bahagaze cyangwa bapfukamye bikubita amaboko ahinnye mu maha. |
| **Nyirangwe (nyirangwe)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ruhame (ruhamê)** | Imbyino; umuhamirizo | Ubwoko bw'umudiho badiha banyuranamo, umurongo wa kabiri ukaza imbere, uwa mbere ukaba uwa kabiri. |
| **Ruharage (ruharage)** | Ingoma | Ingoma ikoreshwa n'abakondera baza imbere y'intore. |
| **Rusama (rusaamâ)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Rwahama (rwaahâma)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Tubarushumwami (Tubarushumwaâmi)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Turashakamata (turashaakamatâ)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Turatsinze (turatsîinze)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Ubusasa (ubusaasa)** | umutako | Imitako ibaje mu duti abagore bo mu miryango ikomeye bambaraga mu misaya. |
| **Ukuboko (ukubôko)** | Ingoma | Aho gufata h'ingoma. |
| **Umucike (umucike)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umudiho (umudiiho)** | Imbyino | Uguterura ukuguru ukagucinya hasi uhuza n'abatera imbyino. |
| **Umuduri (umuduri), Umunahi (umunahi)** | Igikoresho cya muzika | Ubwoko bw'igicurangisho gifite umugozi bakubitaho agakoni. |
| **Umugara (umugaara)** | Umutako w'intore | Umutako ukoze mu butumba intore zitamiriza mu mutwe zihamiriza. |
| **Umugara w'amavi (Umugaara w'âmavî)** | Umuhamirizo | Guca umugara bikorerwa rimwe no guca amavi. |
| **Umugege (umugeege)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umugendo w'i Nyanza (Umugendo w'i Nyanza)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umugendo wose (Umugeendo wôose)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umuhamirizo (Umuhamirizo)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umuhamirizo muremure (umuhamirizo mureemure)** | Umuhamirizo | Umuhamirimo ugizwe n'ibice byinshi harimo ibitego, igitego kikaganisha ku musozo. |
| **Umuhamirizo w'inka zidasa (umuhamirizo w'îinkâ zidasâ)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umuhamirizo w'inka zisa (umuhamirizo w'îinkâ zisâ)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umuhara (Umuharâ)** | Imbyino | Imbyino y'imandwa. |

| | | |
|---|---|---|
| **Umuheha (umuhehâ)** | Umutako | Umutako w'amasaro intore zitamiriza ziwuzingurije ku mugara zigiye kwiyereka. |
| **Umuheto (umuheto)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umuhuri (umuhûuri)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umukarago (umukarago)** | Umurishyo | Umurishyo mushya |
| **Umukarago w'intore (umukarago w'întoôre)** | Umuhamirizo | Kubyina kw'intore zikaraga. |
| **Umukimbagiro (umukîimbagiro)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umukoba (umukôba)** | Ingoma | Umwe mu migozi irandaranda ku ngoma. Umwe mu migozi ikoreshwa mu guhambira amayugi. |
| **Umukondera (umukôondera )** | Amakondera | Umuvuzi w'ikondera. |
| **Umukondo (umukoôndo)** | Intore | Rwagati mu rugamba aho intore zo ku ruhembe rw'iburyo zigabanira n'intore zo ku ruhembe rw'ibumoso. |
| **Umukurikizo (umukûrikizo)** | Ingoma | Umugozi wo hejuru urandaranda ingoma. |
| **Inyabubiri (inyâbubîri)** | | Uburyo bwo kurandaranda inkoba ziva ku mukurikizo zijya ku gisoro. |
| **Igisoro (igisoro)** | Ingoma | Umugozi urandaranze inkoba zifataho. |
| **Inkoba (inkobâ)** | Ingoma | Imishumi irandaranze ingoma. |
| **Umurangi (umuraangi)** | Ikondera | Ubwoko bw'ikondera rikoze mu ihembe riterera ayandi. |
| **Umurangira (umuraangira)** | Imbyino | Bumwe mu buryo bwo gutamba umurangi. |
| **Umurango (umuraango)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umurava (umuraava)** | Umuhamirizo | Ibakwe |
| **Umurego (umureego)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Umurera (umurera)** | Umutako w'intore | Ingabo y'igiti nto ikoreshwa n'intore cyangwa ingabo ziri mu myitozo. Ingabo nyakuri y'intambara yitwa ingabo y'isuri. |
| **Umurungero (umuruungero)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umusabangoro (umusâbangoro)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umusambi (umusaâmbi)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umusambi (umusaâmbi)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo, intore ziwutangira zisa n'izitagaranye, nyuma zikaza gusubirana zegerana kandi zihuza intambwe. |
| **Umushagiririro (umushâagiriro)** | Imbyino | Ubwoko bw'imbyino y'icumu. Impuzanyito: umushayayo. |
| **Umushayayo (umushâayaayo)** | Imbyino | Uburyo bwo kubyina umuntu yikunda mu mubyimba agakura ibirenge buhoro buhoro adaceka umudiho. |
| **Umusigari (umusigari)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umusuko (umusuko)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umusumo (umusuumo)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umutagara (umutâgara)** | Ingoma | Ingoma nyinshi ziri hamwe zivuzwa. |
| **Umutahano (umutaahano)** | Umuhamirizo | Umuhamirizo wo kubimbura cyangwa wo kurangiza. |
| **Umutaho (umutaaho)** | Imbyino, umuhamirizo | Ugusohoka kw'intore cyangwa umubyinnyi. |
| **Umutamirizo (umutaamirizo)** | Umutako | Umutako wo mu mutwe. |
| **Umuterero (umuterero)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umutoza w'intore (umutôoza w'întôorê)** | Intore | Uwigisha imihamirizo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Umuyuki (umuyûki)** | Inanga, umuhamirizo | Umurya w'inanga w'ijwi ryo hejuru. Igice cya nyuma cy'umwiyereko w'ingabo aho intore zikura inkota zigakina urugamba ziyikoresha, intore zica ikibungo zigasoza umuhamirizo. |
| **Umuzenguruko (umuzêenguruko)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umwanzuro (Umwaanzuro)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Umwebeya (umweebeya)** | Umuhamirizo | Umuhamirizo woroshye utangirirwa akenshi ari ukugira ngo buri ntore imenye umwanya wayo mu rugamba mbere yo gutangira imihamirizo isaba ibakwe. |
| **Umwidozi (umwîidoozi), umwogezi** | Umuhamirizo | Umuntu ugenda imbere y'intore zogeza, avuga ibyivugo byazo. |
| **Umwironge (umwîiroonge)** | Ikondera | Akantu kameze nk'umuheha munini gafite intoboro ebyiri cyangwa eshatu ku ruhande rugana hepfo. Bakakaririmiisha bagahuhamo. Kagirwa n'intomvu igegennye. Gakoreshwa mu itsinda ry'abavuza amakondera. |
| **Umwiyereko (Umwiyereko)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urubunda (urubunda)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urubyino (urubyîno)** | Imbyino | Indirimbo iherekejwe n'umudiho. |
| **Urucantege(urucâante-gê)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urucantege (urucâantegê)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Urudaca (urudacâ)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urugamba (urugaâmba)** | Umuhamirizo | Buri murongo intore zikora iyo zihamiriza |
| **Urugari (urugarî)** | Imbyino | Uburyo bwo gutega amaboko babyina byenda kumera nk'inyuguti ya V. |

| | | |
|---|---|---|
| **Urugereko (urugereko)** | Umuhamirizo | Mu guhamiriza, ni urugamba rw'inyuma rwaba urwa kabiri cyangwa urwa gatatu. |
| **Urubunda (urubûunda)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Uruhama (uruhâamâ)** | Imbyino | Ubwoko bw'imbyino y'imandwa. |
| **Uruhanga (uruhaânga)** | Ingoma | Umutwe w'ingoma. |
| **Uruhembe (uruheêmbe)** | Intore | Impera y'urugamba w'intore. |
| **Urukerereza (urukêrereza)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urukina (urukina)** | Umurishyo | Umurishyo mushya |
| **Urukina mu mibare (urukina mu mibarê)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urukundo rw'imiheto (urukûundo rw'îmiheto)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Urukundo rw'uruzagiriza (urukuundo rw'uruzaagiriza)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Umubugu (umubugu)** | Ingoma | Uruhande rw'ingoma |
| **Urumoso (urumosô)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Urunzenze (urunzeenze)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ururangamyambi (ururaangamyaambi)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Ururangamyambi (ururaangamyaambi)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ururenge (urureenge)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'imihamirizo ya kera y'intore za mbere yahamirizwaga baceka ikirenge bigakorwa ari ukwiyereka. Muri iki gihe uyu muhamirizo ukoreshwa mu kwinjira kw'intore ibyo bita guca ibigonzi. |
| **Ururibagiza (Ururibagiza)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Urusamaza (urusamaaza)** | Imbyino | Ubwoko bw'imbyino. |
| **Urusengo (urusêengo)** | Igikoresho cya muzika | Igikoresho cya muzika kijya kumera nk'umwirongi. |
| **Urushara (urushara)** | Imbyino, umuhamirizo | Ugutega amaboko areba imbere ahinnye, ukw'iburyo kuberamiye hejuru, ukw'ibumoso kuberamiye hasi kw'ababyinnyi cyangwa intore. |
| **Urushara rw'ingabo (urushara rw'îngabo)** | Imbyino | Ugutega amaboko ku buryo bwa V ku mukobwa ubyina ariko ugasanga kwihariye. |
| **Urushara rw'inkokwe (urushara rw'înkokwe)** | Imbyino | Ukuba umubyinnyi abyina amaboko aberamye kumwe kureba hejuru ukundi kureba hasi, ariko buri wese akagira umwihariko we wo gutega ayo maboko. |
| **Urushara rw'ubukomane (urushara rw'ûbukomâne)** | Umuhamirizo | Ukuba intore ihamiriza amaboko aberamye kumwe kureba hejuru ukundi kureba hasi, inkokora zizamutse ziringaniye n'ibitugu, amaboko areba imbere kandi yerekeje hasi. |
| **Urushara rw'umuheto (urushara rw'ûmuheto)** | Imbyino | Gutega amaboko kwihariye k'umukobwa ubyina usanga ibiganza birambuye intoke ziberamiye iburyo, zitari mu murongo w'ukuboko. |
| **Urushara rw'icumu (urushara rw'îicûmu)** | Umuhamirizo | Gutega amaboko ahinnye kw'intore, ukw'iburyo gufite icumu kuberamiye hejuru, ukw'ibumoso gufite ingabo kuberamiye hasi. |
| **Urushya (urushyâ), urubuga (urubûga)** | Urubyiniro | Ahantu h'urubuga rw'imyiyereko n'indi mikino. |

| | | |
|---|---|---|
| **Urusobe (urusobê)** | Umurishyo | |
| **Uruta (urutâ)** | Umuhamirizo | Umwanya intore isiga hagati yayo n'iyindi iyo zihamiriza. |
| **Urutishingwa (urutîishîingwa)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Uruyange (uruyaânge)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Urwamo (urwâamo), akamo (akâamo)** | Umuhamirizo | Agasaku kavuzwa n'abogeza intore. |
| **Urwanamiza (Urwaanamiza)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Urwunguko (urwuunguko)** | Umuhamirizo | Ubwoko bw'umuhamirizo. |
| **Uwabeza (uwâabêezâ)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |
| **Zigezikaragwe (zigezikarâgwe)** | Umurishyo | Ubwoko bw'umurishyo. |

INTEKO Y'UMUCO
Huye, SH1 RD2
Agasanduku k'Iposita: 630 Butare

Inteko y'Umuco